



Republic of Rwanda
Ministry of Environment



GREEN
CLIMATE
FUND

UMUSHINGA WA GREEN GICUMBI

2019 - 2026

KONGERA UBUDAHANGARWA KU
NGARUKA Z'IMIHINDAGURIKIRE
Y'IBIHE KU MIRYANGO ITUYE
MU BICE BY'ICYARO, MU
MAJYARUGURU Y'U RWANDA





IBIKUBIYEMO

I	AMAGAMBO AHINNYE N'IBISOBANURO BYAYO	5
II	IJAMBO RY'IBANZE	7
01	AMAVUKO Y'UMUSHINGA	8
02	INCAMAKE YA RAPORO	11
03	UBURYO BW'ISHYIRWA MU BIKORWA	15
04	IBICE BY'INGENZI BIGIZE UMUSHINGA	17
05	KUBUNGABUNGA ICYOGOGO NO GUTEZA IMBERE UBUHINZI BWIHANGANIRA IMIHINDAGURIKIRE Y'IBIHE	19
06	GUCUNGA AMASHYAMBA KU BURYO BURAMBYE NO GUKORESHA INGUFU KU BURYO BURAMBYE	25
07	IMITURIRE YIHANGANIRA IMIHINDAGURIKIRE Y'IBIHE	29
08	GUSANGIZA UBUMENYI NO KWINJIZA UBURYO BWIZA MU MIGENZEREZE ISANZWE	33
09	INGAMBA Z'INGENZI, INAMA N'INZEGO ZISHINZWE GUKURIKIRANA IBIKORWA	37
10	AMASOMO YIGIWE MU MUSHINGA	45
11	UMWANZURO	49
12	UMUGEREKA	52



AMAGAMBO AHINNYE N'IBISOBANURO BYAYO

GCF	Ikigega Mpuzamahanga gishinzwe gutera Inkunga Imishinga Irengera Ikirere
GoR	Guverinoma y'u Rwanda
RGF	Ikigega cy'Igihugu gishinzwe gutera Inkunga Imishinga Irengera Ibidukikije
NDC	Intego z'Igihugu zijyanye n'iterambere n'imihindagurikire y'ibihe (NDC 3.0: icyiciro cya gatatu cy'intego z'Igihugu zijyanye n'iterambere n'imihindagurikire y'ibihe)
NST	Gahunda y'Igihugu yo kwihutisha Iterambere
GGCRS	Ingamba z'Igihugu zo kugera ku Iterambere Rirambye no Guhangana n'Ingaruka z'Imihindagurikire y'ibihe
RAB	Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Guteza Imbere Ubuhinzi n'Ubworozi
RFA	Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Amashyamba



IJAMBO RY'IBANZE

Akarere ka Gicumbi ni kamwe mu duce tw'imisozi miremire myiza cyane mu Rwanda, gusa kakaba kamwe mu duce twibasiwe cyane n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe. Mu myaka myinshi ishize, abaturage b'Akarere ka Gicumbi bagiye bahura n'ibibazo bikomeye bituruka ku isuri, inkangu, kugabanuka k'uburumbuke bw'ubutaka, iyangirika ry'amashyamba ndetse n'imihindagurikire y'ibihe by'imvura. Ibi bibazo byagize ingaruka ku buhinzi, imiturire, amashyamba, umutungo w'amazi ndetse no ku mibereho y'imiryango myinshi.

Igihe umushinga wa Green Gicumbi watangizwaga mu mwaka wa 2019, intego yari isobanutse: gufasha abaturage kugira ubudahangarwa ku ngaruka z'imihindagurikire y'ibihebinyuze mu gusubiranya ubutaka bwangiritse, kurinda amashyamba, guteza imbere ubuhinzi, gushyigikira imiturire idashyira ubuzima mu kagano kongerera ubushobozi abaturage. Nyuma y'imyaka itandatu, ibyavuye mu mushinga byagaragaje ibyagerwaho igihe inkunga zigamije gushyigikira imishinga ihangana n'imihindagurikire y'ibihe, ubuyobozi bw'igihugu, uruhare rw'inzego z'ibanze ndetse n'ibikorwa by'abaturage bishyizwe hamwe.

Binyuze muri uyu mushinga, imisozi yari yarangiritse yarasubiranyijwe hifashishijwe amaterasi, ubuhinzi bw'ibiti bivangwa n'imyaka, ndetse n'ibihingwa bifite ubudahangarwa ku mihindagurikire y'ibihe. Amashyamba yarasubiranyijwe, imiryango yari ituye mu bice bishobora kwibasirwa n'ibiza yimuriwe mu mazu atekanye, ingo n'amashuri byatangiye gukoresha uburyo bwo guteka busukuye kandi burondereza ingufu. Ikindi kandi, abahinzi, amakoperative, urubiruko ndetse n'abayobozi b'inzego z'ibanze bahawe ubumenyi bushya bwo gucunga ubutaka, amazi n'imibereho mu buryo burambye.



Ikirenze byose, Green Gicumbi yagaragaje ko guhangana n'imihindagurikire y'ibihe atari ukurengera ibidukikije gusa. Harimo no guteza imbere imibereho y'abaturage. Ni ugufasha imiryango kugira umutekano, kongera umusaruro, guhanga imirimo, gukomeza inzego z'ibanze no guha abaturage ubushobozi bwo kwiye bakira ahazaza habo.

Mu izina rya Guverinoma y'u Rwanda, ndashimira abaturage b'Akarere ka Gicumbi ku bwitange n'uruhare bagize muri uru rugendo rwose. Ndashimira kandi byimazeyo Green Climate Fund, Rwanda Green Fund, Akarere ka Gicumbi, abafatanyabikorwa bagize uruhare mu ishyirwamubikorwa ry' umushinga, abayobozi b'inzego z'ibanze, amakoperative ndetse n'abagize uruhare bose mu gutuma uyu mushinga ugerwaho neza.

Nubwo uyu mushinga ugeze ku musozo, inshingano zacu ni ugukomeza kubungabunga no guteza imbere ibyo wagezeho. Amasomo yigiye mu mushinga wa Green Gicumbi ashobora gushingirwaho mu gukora ibikorwa nk'ibi no mu tundi duce twugarijwe n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe mu Rwanda no hanze yarwo. Nidukomeze kurinda ibyo twagezeho, dukomeze kubyigiraho, kandi dukorere hamwe mu kugera ku iterambere rirambye.

Dr Bernadette Arakwiye
Minister of Environment, Rwanda

02.

AMAVUKO Y'UMUSHINGA

Akarere ka Gicumbi kazwiho imisozi ihanamye, ubutumburuke buri hejuru ndetse n'ahantu heza hakungahaye ku bikorwa by'ubuhinzi. Ibi biranga aka karere, ni na byo bituma kaba kamwe mu duce twugarijwe cyane n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe.

Imvura nyinshi yari ikibazo gikomeye ku baturage benshi. Amazi y'imvura yamanukaga ku misozi ku muvuduko mwinshi, agatwara ubutaka, akangiza imyaka, agatera isuri ndetse akanongera ibyago by'inkangu. Mu bice bimwe na bimwe, abahinzi baturaga n'igabanuka ry'umusaruro kubera ko ubutaka butari bugishoboye kubika intungamubiri zihagije. Iyangirika ry'amashyamba na ryo ryakomeje kongera ikibazo, rituma imisozi idakingirwa neza kandi rikongera igitutu ku mutungo kamere w'ubutaka n'amazi.

Ibi bibazo ntibyangiraga ingaruka ku bidukikije gusa, ahubwo byanageraga ku mibereho y'abaturage. Byagiraga ingaruka ku miturire yabo, ku bukungu bw'imiryango, ku kwihaza mu biribwa ndetse no ku mutekano rusange. Imiryango yari ituye mu bice bishobora kwibasirwa n'ibiza yahoraga ihangayikishijwe n'inkangu n'imyuzure. Abahinzi babonaga umusaruro ugabanuka cyangwa ukabura burundu. Abagore n'abana bamaraga igihe kinini bashakira inkwi. Abayobozi b'inzego z'ibanze bahoraga bahanganye n'ingaruka z'ibiza byaterwaga n'imihindagurikire y'ibihe.

Umushinga Green Gicumbi, uzwi ku izina ryuzuye rya "Strengthening Climate Resilience of Rural Communities in Northern Rwanda", waje nk'igisubizo cy'ibyo bibazo bifatanye isano. Uyu mushinga washyizwe mu bikorwa kuva mu mwaka wa 2019 kugeza mu wa 2026 ku nkunga ya Green Climate Fund. Aho gukemura ikibazo kimwe ku kindi, Green Gicumbi yakoresheje uburyo bwuzuzanya bwo gucunga ahantu hafatira amazi (Integrated Watershed Management Approach).


Ibi bivuze ko umushinga warebye ibice byose by'akarere, uhereye ku misozi miremire n'amashyamba, ukagera ku mirima, imiturire, ibikorwa by'amazi ndetse n'inzego z'ibanze. Intego yari ukugabanya ibyago biterwa n'imihindagurikire y'ibihe no kuzamura imibereho y'abaturage icyarimwe.

Umushinga wakoreye mu gace ka Muvumba B Sub-catchment, ukorera mu mirenganya icyenda y'Akarere ka Gicumbi ari yo: Rubaya, Cyumba, Kaniga, Mukarange, Rushaki, Shangasha, Manyagiro, Byumba na Bwisige. Ibi bice byatoranyijwe kubera ko byari byugarijwe cyane n'isuri, iyangirika ry'ubutaka, inkangu, iyangirika ry'amashyamba ndetse n'imibereho y'abaturage.

Binyuze muri ubu buryo, Green Gicumbi yashyigikiye ibikorwa byo gusubiranya ubutaka bwangiritse, guteza imbere ubuhinzi buhangana n'imihindagurikire y'ibihe, gusubiranya amashyamba, guteza imbere ingufu zirambye, kubaka imiturire itekanye, kongerera abaturage ubumenyi no gukomeza ubushobozi bw'inzego. Umushinga kandi wahujwe n'intego z'Igihugu zijyanye n'iterambere n'imihindagurikire y'ibihe, zirimo "Green Growth and Climate Resilience Strategy", "Nationally Determined Contribution (NDC)" na "Vision 2050".

Muri rusange, Green Gicumbi yari igamije gufasha abaturage kumenyera no guhangana n'imihindagurikire y'ibihe mu buryo bufatika. Yasubiranyije ubutaka, irengera abaturage, yongera umusaruro kandi yubaka ubushobozi bw'abaturage kugira ngo bakomeze kubungabunga no guteza imbere ibyo bagezeho na nyuma y'isozwa ry'umushinga.

Incamake y'ibyo umushinga wagezeho



“

Mbere y'Umushinga wa Green Gicumbi, akarere kacye kari kugarijwe cyane n'ingaruka z'imvura nyinshi, aho abaturage babagaho bafite impungenge zo kubura ubuzima, amazu ndetse n'imirima yabo bitewe n'imiterere y'imisozi ya Gicumbi. Uyu munsu, ibisubizo birambye byashyizwe mu bikorwa byatumye abaturage bagira ubudahangarwa ku ngaruka z'imihindagurikire y'ibihe, bihindura imyumvire yabo ndetse binatanga amahirwe yo kwinjiza amafaranga akomeje kuzamura imibereho myiza y'abatuye akarere.

EMMANUEL NZABONIMPA
 Umuyobozi w'Akarere ka Gicumbi



INCAMAKE YA RAPORO

Umushinga wa Green Gicumbi, uzwi ku izina rya “Strengthening Climate Resilience of Rural Communities in Northern Rwanda”, wari umwe mu mishinga minini u Rwanda rwashoyemo imari mu rwego rwo gufasha abaturage bo mu cyaro guhangana n’ingaruka z’imihindagurikire y’ibihe.

Uyu mushinga washyizwe mu bikorwa kuva mu mwaka wa 2019 kugeza mu 2026, ufasha abaturage bo mu Karere ka Gicumbi guhangana n’ingaruka z’imihindagurikire y’ibihe zirimo isuri, inkangu, iyangirika ry’amashyamba, kugabanuka k’uburumbuke bw’ubutaka, umusaruro mucye mu buhinzi ndetse n’imihindagurikire y’ibihe by’imvura.

Imisozi ihanamye n’ubutaka bwangiritse bwa Gicumbi byari byaratumye abaturage benshi baba mu buzima bwugarijwe n’ibiza. Imvura nyinshi yatwaraga ubutaka, ikangiza imyaka, ikongera ibyago by’inkangu kandi ikagira ingaruka ku bukungu bw’imiryango. Muri icyo gihe kandi, gukomeza gutema amashyamba hagamijwe kubona inkwi n’amakara byakomeje kwangiza urusobe kamere rurinda ubutaka n’amazi.

Ku nkunga ya Green Climate Fund, Guverinoma y’u Rwanda, binyuze mu kigega cy’igihugu gishinzwe gutera inkunga imishinga irengera ikirere n’ibidukikije (Rwanda Green Fund), Akarere ka Gicumbi n’abafatanyabikorwa batandukanye, yatangiye umushinga wa Green Gicumbi hagamijwe gufasha abaturage kubaka ubudahangarwa ku ngaruka z’imihindagurikire y’ibihe. Aho gukemura ikibazo kimwe kimwe, umushinga wakoreye hamwe, ku butaka, mu ngo, ku buhinzi, ku mashyamba, ku miturire ndetse no ku nzego z’ibanze.

Mu gihe cy’imyaka itandatu, umushinga wasubiranyije ubutaka bwangiritse, wubaka amaterasi, wagura ubuhinzi bw’ibiti bivangwa n’imyaka, usubiranyije amashyamba yangiritse, utera ibihingwa bifite ubudahangarwa ku mihindagurikire y’ibihe, ushyigikira imiturire itekanye, uteza imbere uburyo bwo guteka busukuye kandi burondereza ingufu, ndetse unahugura abaturage ku bikorwa by’ubuhinzi n’imibereho birengera ibidukikije.

Umushinga wanakomeje kongerera ubushobozi amakoperative, ushyigikira amatsinda yo kwizigama ndetse unafasha abaturage kugira uruhare no kwiyumvamo ibikorwa by’umushinga.

Uyu muni, ibisubizo biragaragara mu buryo bufatika hirya no hino muri Gicumbi. Imisozi yahoze yangiritse cyane ubu yarasubiranyijwe kandi itanga umusaruro. Abahinzi bahinze icyayi, ikawa n’ibihingwa ngandurarugo ku butaka bucunzwe neza. Imiryango yabarizwaga mu bice bishobora kwibasirwa n’ibiza ubu ituye mu mazu atekanye. Ingo n’amashuri byatangiyeye gukoresha uburyo bwo guteka burondereza ingufu. Amakoperative n’abayobozi b’inzego z’ibanze na bo bungutse ubumenyi buzabafasha gukomeza ibikorwa byagezweho n’umushinga.

Umushinga wageze ku bantu 158,000 bawugiriyemo inyungu mu buryo butaziguye ndetse no ku bantu barenga 464,000 bawugiriyemo inyungu mu buryo buziguye. Wahanze imirimo igera ku 99,000 binyuze mu bikorwa birengera ibidukikije, aho 52% by’abahawe imirimo ari abagore. Uyu mushinga kandi wagize uruhare mu kugabanya cyangwa gukumira imyuka ihumanya ikirere ingana na toni 275,264 za karubone diyogiside hagati ya 2019 na 2026. Iyi mibare igaragaza ko ibikorwa byo guhangana n’imihindagurikire y’ibihe bishobora icyarimwe kurengera abaturage, gusubiranyije urusobe rw’ibinyabuzima no guteza imbere ubukungu.

Mu gihe umushinga ugeze ku musozo, igikurikiyeho ni ugukomeza no kubungabunga ibyo wagezeho. Ibi bizasaba gukomeza gushyigikira amakoperative, gufata neza amaterasi n’ibikorwaremezo by’amazi, kurinda amashyamba yasubiranyijwe, gukomeza uruhare rw’abaturage, gukurikirana ibikorwa neza ndetse no kongera gushora imari mu kubona amasoko y’ibikomoka ku cyayi, ikawa n’ibikomoka ku mashyamba.

Green Gicumbi yagaragaje ko gushora imari ihamye mu gace kamwe kugarijwe n’ingaruka z’imihindagurikire y’ibihe bishobora gutanga ibisubizo bifatika ku baturage no ku bidukikije. Amasomo yigiye muri uyu mushinga ashobora gushingirwaho mu gukora ibikorwa nk’ibi no mu tundi duce tw’u Rwanda.

IMPINDUKA

Umushinga wa Green Gicumbi washyizwe mu bikorwa mu gice cya “Muvumba B Sub-catchment” giherereye mu Karere ka Gicumbi, ukaba ukorera mu mirenge 9 muri 21 igize Akarere ka Gicumbi ari yo: Rubaya, Cyumba, Kaniga, Mukarange, Rushaki, Shangasha, Manyagiro, Byumba na Bwisige. Ibi bice byatoranyijwe kubera ko byahuraga n’ibibazo bikomeye by’imihindagurikire y’ibihe n’ibidukikijekurusha ibindi mu karere, harimo imisozi ihanamye, isuri, iyangirika ry’amashyamba, ibyago by’inkangu, ihindagurika ry’imvura ndetse no kuba abaturatione baho bishingikiriza cyane ku buhinzi no ku mutungo kamere.

Gukora muri ubu buryo, byafashije umushinga gukemura ibyo bibazo mu buryo bwuzuzanya. Ibikorwa nk’amaterasi, ubuhinzi bw’ibiti bivangwa n’imyaka(agroforestry), gusubiranya amashyamba yangiritse, kubungabunga no gusarura amazi, guteza imbere imiturire ihangana n’ingaruka z’imihindagurikire y’ibihe, gukoresha uburyo bwo guteka busukuye kandi burondereza ingufu, ndetse no gushyigikira imibereho myiza y’abaturatione, byateguwe ku buryo bwunganirana muri ako gace kose.

Gusubiranya imisozi byagabanyije isuri n’amazi yatwaraga ubutaka, binateza imbere uburyo bw’imihingire ndetse byongerera umusaruro. Ibikorwa byo gucunga amazi byafashije abaturatione gukoresha neza amazi y’imvura, mu gihe imiturire itekanye yahinduye ubuzima bw’imiryango yari ituye mu bice bishobora kwibasirwa n’ibiza.

Muri rusange, utu duce twakorewemo ibikorwa twabaye ishingiro ry’icyitegererezo cya Green Gicumbi, kibungabunga ibidukikije, kubaka ubudahangarwa bw’abaturatione no guteza imbere imibereho myiza yabo mu gace kamwe.

Imiyoborere n’imicungire y’umushinga

Umushinga wa Green Gicumbi yashyizwe mu bikorwa binyuze mu bufatanye bukomeye hagati y’inzego z’Igihugu, ubuyobozi bw’inzego z’ibanze n’abaturatione.

Minisiteri y’ibidukikije, binyuze mu kigega cy’Igihugu gishinzwe gutera inkunga imishinga irengera ikirere n’ibidukikije Rwanda Green Fund, yashyize mu bikorwa uyu mushinga, aho cyari gifite inshingano zo guhuza ibikorwa no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ryabyo.

Uyu mushinga wakoranye bya hafi n’Akarere ka Gicumbi, abayobozi b’imirenge, amakoperative ndetse n’abagenerwabikorwa kugira ngo abaturatione biyumvemo ibikorwa by’umushinga kandi bihuzwe n’intego z’u Rwanda mu rwego rwo guhangana n’ingaruka z’imihindagurikire y’ibihe.



UBURYO BW'ISHYIRWA MU BIKORWA

Umushinga wa Green Gicumbi washyizwe mu bikorwa hifashishijwe uburyo bw'imicungire ihuriweho y'urusobe rw'amazi mu gice cya "Muvumba B Sub-catchment". Ubu buryo bwashingiye ku gusobanukirwa ko ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe muri Gicumbi zifitanye isano kandi zikuzuzanya. Isuri, inkangu, iyangirika ry'amashyamba, umusaruro mucye w'ubuhinzi, imiturire idatekanye ndetse n'ibibazo by'ingufu zikoreshwa mu ngo ntabwo byari ibibazo bitandukanye; ahubwo byagiraga ingaruka zifitanye isano.

Ni muri urwo rwego umushinga wakoreye mu gice cyose kigize urwo rusobe rw'amazi, uhereye ku misozi n'amashyamba, ukagera ku mirima, ingo, ibikorwa remezo by'amazi, inzego z'ibanze ndetse n'imibereho y'abaturage. Ibi byafashije mu gutegura no gukora ibikorwa bitandukanye mu buryo buhujwe kandi bwuzuzanya, aho gukora ibikorwa mu buryo butandukanye kandi budafitanye isano.

Green Gicumbi yahuje ibikorwa byo gusubiranya ubutaka bwangiritse, guteza imbere ubuhinzi bwihanganira imihindagurikire y'ibihe, gusubiranya amashyamba, guteza imbere ingufu zitangiza ikirere, kubaka imiturire itekanye, gucunga amazi y'imvura, guteza imbere imibereho myiza y'abaturage ndetse no kubaka ubushobozi bwabo. Amaterasi n'ibiti byafashije kugabanya isuri no kurinda ubutaka buhingwa. Gusubiranya amashyamba byafashije gukomeza imisozi no kugabanya igitutu ku mutungo kamere.

Imbabura zirondereza inkwi na biyogazi byagabanyije ikoreshwa ry'inkwi. Ibikorwa byo kubikaamazi y'imvura byafashije kuyacunga neza no gutanga amazi akoreshwa mu ngo. Amahugurwa no guteza imbere amakoperative byafashije abaturage kugira ubumenyi n'ubushobozi bukenewe kugira ngo bakomeze kubungabunga no guteza imbere ibyagezeweho. Uruhare rw'abaturage rwabaye inkongi y'ingenzi mu ishyirwa mu bikorwa ry'umushinga.

Abaturage batanze imbaraga zabo mu mirimo itandukanye, binjira mu makoperative, bahabwa amahugurwa, bafata neza ibikorwa remezo byubatswe kandi basangiza abandi amasomo bakuye muri uwo mushinga. Ibi byubatswe abaturage umuco wo kwigira no kwiyumvamo ibikorwa by'umushinga, byongera amahirwe y'uko ibyagezeweho bizakomeza na nyuma y'isozwa ryawo.

Umushinga kandi wahuriye hamwe inzego z'igihugu, abayobozi b'akarere ka Gicumbi, abayobozi b'inzego z'ibanze, abafatanyabikorwa mu bya teknik, amakoperative ndetse n'abaturage. Mu guhuza intego z'igihugu mu kurwanya imihindagurikire y'ibihe n'ishyirwa mu bikorwa ry'umushinga ku rwego rw'ibanze, Green Gicumbi yagaragaje uburyo ibikorwa byo guhangana n'imihindagurikire y'ibihe bishobora gushyirwa mu bikorwa mu buryo bufatika, buhujwe kandi bunozwe ku rwego rw'akarere.



Igihe twateguraga uyu mushinga twari dufite icyizere gikomeye. Gusa icyo gihe sinashoboraga kwiyumvisha neza urugero rw'ibyo twari kuzageraho. Ubuzima bw'abantu bwarahindutse, imyumvire yarahindutse, kandi umushinga wa Green Gicumbi wagaragaje neza uko ibikorwa byiza kandi bifatika byo kubaka ubushobozi bwo guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe bigomba kuba bikorwa.

ALEX MULISA

Impuguke mu Gushaka Inkunga no Gukusanya Umutungo, EU Support to Agriculture and Climate Action (EU-SACA)





IBICE BY'INGENZI BIGIZE UMUSHINGA

Green Gicumbi yashyizwe mu bikorwa hashingiwe ku byiciro bine by'ingenzi kandi byuzuzanya, buri kimwe kikaba cyaribandaga ku gukemura ibibazo byakumiraga ubudahangarwa ku ngaruka z'imihindagurikire y'ibihe bw'Akarere ka Gicumbi. Ibi byiciro byose hamwe byagize uruhare mu gusubiranya ahantu hangiritse, guteza imbere imibereho y'abaturage, kugabanya igitutu ku mutungo kamere no kongerera abaturage ubushobozi bwo kugira uruhare mu bikorwa byo guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe.

1 Kurinda inkombe z'imigezi n'ubuhinzi bwihanganira ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe

Iki cyiciro cyibanze ku gusubiranya imisozi yangiritse, kugabanya isuri no kongera umusaruro w'ubuhinzi. Cyarimo ibikorwa byo kubaka amaterasi, guteza imbere ubuhinzi bw'ibiti bivanze n'imyaka, gutera amashyamba arinda ubutaka, guhinga ibihingwa bihangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe, guhugura abahinzi no gushyigikira uruhererekane nyongeragaciro rw'ibihingwa nk'icyayi n'ikawa.

2 Imicungire irambye y'amashyamba n'ingufu zirambye kandi zitangiza ikirere

Iki cyiciro cyari kigamije gukemura ikibazo cy'iyangirika ry'amashyamba n'ibikenerwa by'ingufu mu ngo. Cyafashije gusubiranya amashyamba yangiritse, gutera ibiti, gukwirakwiza imbabura zirondereza inkwi, gushyira imbabura zigezweho mu bigo, gukoresha biyogazi ndetse n'ubundi buryo bwo gukoresha ingufu neza hagamijwe kugabanya igitutu ku mashyamba no guteza imbere ubuzima, imikoreshereze myiza y'igihe n'imibereho myiza y'ingo.

3 Imiturire itagirwaho ingaruka n'imihindagurikire y'ibihe

Iki cyiciro cyafashije imiryango yari ituye mu bice bishobora kwibasirwa n'ibiza kubona amacumbi atekanye ndetse n'ibikorwa remezo.

Hari hakubiyemo kandi ibikorwa byo kubika amazi y'imvura, kubaka imiyoboro iyobora amazi, ibidendezi bibika amazi, imiferege iyobora amazi mu butaka no gutera inkunga ibikorwa bifasha abaturage kongera kwiubaka no kugira imibereho myiza nyuma yo kwimurwa.

4 Gusangiza ubumenyi no kwinjiza uburyo bwiza mu migenzereze isanzwe

Iki cyiciro cyibanze ku kubaka ubushobozi bw'abaturage n'inzego z'ibanze ndetse no gushyiraho uburyo burambye bwo gusigasira ibyagezweho.

Cyari cyiganjemo guhugura abahinzi, amakoperative, urubyiruko, abubatsi n'abayobozi b'inzego z'ibanze, ndetse no gutanga ubumenyi ku makuru y'iteganyagihe n'ikirere, ubumenyi mu by'imari, amatsinda yo kuzigama no gutanga amasomo y'umushinga muri gahunda z'inzego z'ibanze ndetse n'iz'igihugu.

Ibi byiciro bine byose hamwe byabaye ishingiro ry'icyitegererezo cya Green Gicumbi, uburyo bushingiye ku kurebera hamwe imiterere y'ahantu, buhuza gusubiranya ibidukikije, imiryango itekanye, guteza imbere imibereho myiza y'abaturage no kongerera ubushobozi inzego n'abaturage kugira ngo bahangane n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe mu buryo burambye.





05.

ICYICIRO CYA MBERE

KUBUNGABUNGA ICYOGOGO NO GUTEZA IMBERE UBUHINZI BWIHANGANIRA IMIHINGAGURIKIRE Y'IBIHE

Mu Karere ka Gicumbi, imisozi ihanamye, imvura nyinshi ndetse n'ubutaka bwari bwarangiritse. Ibi byatumaga ubuhinzi budatanga umusaruro. Amazi y'imvura yakundaga gutwara ubutaka n'ifumbire, akangiza imyaka ndetse agatera isuri ku misozi.

Binyuze muri iki cyiciro, Umushinga wa Green Gicumbi washoye imari mu gusubiranya ubutaka bwangiritse no guteza imbere ubuhinzi bwihanganira ingarukaz'imihindagurikire y'ibihe kugira ngo ubutaka buhingwa burusheho gutekana kandi butange umusaruro mwinshi.

Ku bufatanye bukomeye n'abaturage, umushinga wubatse amaterasi kuri hegitari 1.450, ushyira imbaraga mu buhinzi bw'ibiti bivangwa n'imyakakuri hegitari zirenga 10.000, ndetse ushyigikira amashyamba arinda ubutaka kuri hegitari zirenga 1.370 ku misozi n'inkengero z'imigezi, bifite akamaro gakomeye. Ibi bikorwa byafashije gusubiranya imisozi yangiritse no kongerera abaturage ubumenyi n'ubushobozi ndetse no gushishikariza abaturage kugira umuco wo kwiyumvamo no kurinda umutungo kamere ubatunze.

Umushinga kandi watangije ubuhinzi bw'ibihingwa bifite agaciro kanini kandi byihanganira ingarukaz'imihindagurikire y'ibihe, bifasha kurinda ubutaka no kongera amafaranga yinjira mu ngo. Muri byo harimo hegitari 50 z'icyayi zifasha abahinzi barenga 500, na hegitari 40 z'ikawa yo mu misozi ifasha abahinzi barenga 130. Imirima y'ikawa yinjije amafaranga agera kuri miliyoni 600 z'amafaranga y'u Rwanda mu gihembwe cy'isarura, bigaragaza uburyo gusubiranya ubutaka bishobora no gutanga amahirwe akomeye y'iterambere ry'ubukungu ku bahinzi. Umushinga kandi watanze ingemwe z'ikawa zihanganira ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe zisaga miliyoni 1,25 kugira ngo ibikorwa birusheho kwaguka.

Muri rusange, ibi bikorwa byafashije kugabanya isuri, kunoza imicungire y'ubutaka, kongera umusaruro no kuzamura ubushobozi bw'abahinzi bwo kubona inyungu. Iki cyiciro cyerekanye ko gusubiranya ubutaka bishobora guteza imbere imibereho y'abaturage no kubaka ubudahangarwa burambye bwo guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe.





“

Umusaruro muri aka gace wari mucye cyane kandi isuri yari ikibazo gihoraho. Mu bice nka Rukizi, Kagorogoro na Kigwena, ubutaka bwatwarwaga n’amazi y’imvura, bikagira ingaruka ku mirima yacu no ku ngo zacu.

Binyuze mu mushinga wa Green Gicumbi, ubutaka bwarasubiranyijwe, hatewe ibiti byo kurwanya isuri ndetsehashyirwaho imirima y’icyayi. Uyu munsi, icyayi kiduha amafaranga ahoraho kandi abaturage bacu bumva bafite umutekano n’icyizere kirenze icyo bari bafite mbere.

BERNARD UFITABE

**Umugenerwabikorwa
wa Green Gicumbi**



“

Twahingaga ibihingwa bitandukanye ku misozi, ariko ubutaka ntibwari burinzwe neza. Iyo imvura nyinshi yagwaga, amazi yamanukaga afite umuvuduko mwinshi maze agasuka ubutaka mu mirima yo mu bibaya. Hari igihe imyaka yangirikaga burundu.

Kuva icyayi cyaterwa ku materasi, ibintu byarahindutse. Umusaruro wariyongereye kandi twinjiza amafaranga menshi kurusha mbere. Ubu dushobora kwiwishyurira ubwisungane mu kwivuza, kwishyurira abana amashuri no guteganyiriza ejo hazaza, dufite icyizere cyinshi kurushaho.

CLAIRE NYIRASANGWA

**Umugenerwabikorwa
wa Green Gicumbi**



“

Iyo nsubije amaso inyuma nkareba uko aka gace kari kameze, benshi muri twe ntitwari tugifite icyizere cy’ejo hazaza heza. Uyu muni, abahinzi b’ikawa bashoboye kwishyurira abana babo amashuri no kwishyurira imiryango yabo ubwisungane mu kwivuza.

Nanbye nabashije kubakira umuryango wanjye inzu nziza kurushaho, kandi mu myaka micye iri imbere nteganya kuzagura moto nkoresha amafaranga ava mu ikawa.

Kera twumvaga ibyo bintu nk’inzozo zidashoboka. Uyu muni turabihamya kuko twiboneye ubwacu impinduka n’ibyagezweho.

DIOGENE HABYARIMANA

**Umugenerwabikorwa
wa Green Gicumbi**



“

Kubera amaterasi, ifumbire isigaye iguma mu butaka aho gutwarwa n'amazi y'imvura.

Ubu umusaruro wacu wikubye hafi inshuro icumi ugereranyije n'uwabonekaga mbere, kandi ibi byahinduye cyane imibereho yacu.

SÉBASTIEN BWENGE

Umugenerwabikorwa
wa Green Gicumbi

IBYAGEZWEHO MU CYICIRO CYA MBERE

1,450

CYA HEGITARI Z'AMATERASI
ZUBATSWE (HARIMO 600 HEGITARI
Z'AMATERASI Y'INDINGANIRE
NA 850 HEGITARI Z'AMATERASI
AKURIKIRANA).

10,000+

BYA HEGITARI ZATEWEHO
IBITI BIVANGWA N'IMYAKA MU
MIRIMA NO KU MISOZI.

50

HEGITARI Z'ICYAYI
GIHANGANA N'INGARUKA
Z'IMIHINDAGURIKIRE Y'IBIHE
ZARAHINZWE, GIFASHA
ABAHINZI BARENGA 500.

40

HEGITARI Z'IKAWA YO MU MISOZI
MIREMIRE ZARAHINZWE, IFASHA
ABAHINZI BARENGA 130 KANDI
IKINJIZA HAFI MILIYONI **600 FRW**
BURI GIHEMBWE CY'ISARURA.

1,250,000

MILIYONI Z'INGEMWE ZA KAWA
ZIHANGANIRA INGARUKA
Z'IMIHINDAGURIKIRE Y'IBIHE ZATANZWE,
KUGIRA NGO IBIKORWA BYAGURWE
KANDI BIRUSHEHO KUGERA KURI BENSHI.

36

PEPINIYERI ZIKORESHWA
N'AMAKOPERATIVE
HAMWE N'AMATSINDA
Y'ABATURAGE.

277

INKA ZATANZWE, ZIGAMIJE
GUFASHA IMIRYANGO
KWIHANGANIRA NO KONGERA
UBUSHOBOZI BWO KWIGIRA.

1,370+

CYA HEGITARI Z'AMASHYAMBA
ARINDA UBUTAKA ZASHYIZWEHO
KU MISOZI IHANAMYE NO KU
NKENGERO Z'INZUZI.

3

AMAKUSANYIRIZO
Y'ICYAYI
YUBATSWE KANDI
AFITE IBIKORESHO
BYUNGANIRA
ABAHINZI B'ICYAYI

300+

ABAVUMVU BO MU MAKOPERATIVE
11 BATEWE INKUNGA **Y'IMITIBA**
IGEZEHO 500+

15 - 25%

Y'IZAMUKA RY'UMUSARURO W'IMYAKA
MU DUCE IBIKORWA BYAGEZEMO.

3

HEGITARI
ZASHYIZWEHO
SISTEME YO KUHIRA
IKORESHA IMBARAGA
Z'IZUBA





06.

ICYICIRO CYA KABIRI

GUCUNGA AMASHYAMBA KU BURYO BURAMBYE NO GUKOresha INGUFU KU BURYO BURAMBYE

Mu Karere ka Gicumbi, ikibazo cy'iyangirika ry'amashyamba n'ingufu zikenerwa mu ngo byari bifitanye isano ya hafi. Imiryango myinshi yifashishaga inkwi n'amakara mu guteka, bikongera igitutu ku mashyamba ndetse bigatwara igihe kinini mu gushaka ibicanwa. Uburyo gakondo bwo guteka na bwo bwatezaga imyotsi yangizaga ubuzima n'imibereho myiza y'abagize urugo.

Binyuze muri iki cyiciro, umushinga wa Green Gicumbi wakoze ibikorwa byo gusana no kugarura amashyamba yangiritse, ari na ko ugabanya ikoresha ry'inkwi. Umushinga wongereye ubuzima amashyamba yangiritse ku buso burenga hegitari 2,200, ushyigikira ibikorwa byo gutera ibiti no guteza imbere imicungire irambye y'amashyamba ku bufatanye n'abaturage ndetse na ba nyir'amashyamba.

Ku rwego rw'ingo n'inzego zitandukanye, umushinga wateje imbere uburyo bwo guteka busukuye kandi bukoresha ingufu neza. Ingo zirenga 31,000 zashyikirijwe amashyiga ya kijyambere azigama ingufu, mu gihe amashuri 70 yashyizwemo amashyiga manini akoresha ingufu neza. Iri koranabuhanga ryafashije kugabanya ikoresha ry'inkwi mu ngoku kigero cya hafi 60%, rigabanya igitutu ku mashyamba kandi rinazamurira imibereho ya buri muni y'imiryango.

Uyu mushinga kandi washyizeho ubundi buryo burambye kandi bukoresha ingufu neza, harimo kubaka ibyuma 10 bya biyogazi mu ngo no kunoza imikoreshereze y'ingufu mu ruganda rw'Icyayi rwa Mulindi. Ibi bikorwa byagaragaje ko kurengera amashyamba, guteza imbere imibereho myiza y'ingo no gukoresha ingufu mu buryo butanga umusaruro bishobora kugerwaho icyarimwe. Muri rusange, iki cyiciro cyafashije kugarura no kubungabunga amashyamba, kugabanya ikoresha ry'ibicanwa bikomoka ku biti, kunoza uburyo bwo guteka no guteza imbere imikoreshereze irambye y'umutungo kamere.



Twatekeshaga ibigori byumye n'inkwi, bigasaba igihe kinini cyo gushaka inkwi mu ishyamba.

Akenshi gutegura ifunguro ryoroshye byasabaga igihe kinini, kandi umwotsi waratubangamiraga mu gihe cyo guteka.

Ubu, dukoresha biyogazi, guteka birihuta, birasukuye kandi byaroroshye cyane. Nta mwotsi uba mu nzu, ndetse nshobora guteka mfite n'igihe cyo gukora indi mirimo.

SOPHIA MUKASINAYOBYE

**Umugenerwabikorwa
wa Green Gicumbi**



Guteka byasabaga imbaraga nyinshi. Twakeneraga inkwi nyinshi, kandi umwotsi w'ishyiga rya gakondo ukuzura inzu mu gihe duteka.

Nyuma yo guhabwa amashyiga azigama ingufu binyuze mu mushinga wa Green Gicumbi, ibintu byaroroshye cyane.

Dukoresha inkwi nkeya, tumara igihe gito duteka, kandi umwuka wo mu nzu yacu urasukuye. Byahinduye cyane ubuzima bwacu n'imibereho ya buri munsu.

SOEUR IRENE UMUHOZA

**Umugenerwabikorwa
wa Green Gicumbi**



Green Gicumbi yadufashije kugabanya ibiciro by'ingufu n'ibicanwa, inatuma turushaho kugira imikorere myiza kandi irambye.

Ibi bikorwa ntibigirira akamaro uruganda gusa, ahubwo binafasha n'ibihumbi by'abahinzi n'imiryango yabo bihuriye muri koperative yo kubungabunga agaciro k'icyayi muri Mulindi.

BENJAMIN YEGO

**Umuyobozi w'Uruganda,
Mulindi Tea Factory**

Uruganda rw'Icyayi rwa Mulindi: Guteza imbere imikoreshereze y'ingufu neza

Binyuze mu mushinga wa Green Gicumbi, uruganda rw'icyayi rwa Mulindi rwahawe ubufasha bugamije kugabanya ikoresheya ry'ingufu zihumanya ikirere no kunoza imikorere irambye yo gutunganya icyayi.

Umushinga washyizemo imashini 40 za Variable Frequency Drives (VFDs) mu gice cyo kumisha icyayi, zifasha mu kugenzura ikoresheya ry'amashanyarazi muri moteri nini kandi zikazigama ingufu ku kigero cya hafi 25%. Nanone wafashije gutera ibiti by'inturusu (clonal eucalyptus) ku buso bwa hegitari 70, ndetse hubakwa ububiko bw'inkwi bugenewe uruganda, bigafasha kugabanya ikiguzi cy'ibicanwa no kunoza imicungire yabyo.

Ibi byagabanyije ibiciro by'imikorere y'uruganda, binafasha koperative ibungabunga agaciro k'icyayi igizwe n'abahinzi barenga 6,000 n'imiryango yabo.

IBYAGEZWEHO MU CYICIRO CYA KABIRI

2,200+

BYA HEGITARI
Z'AMASHYAMBA
YANGIRITSE
ZASUBIRANYIJE.

31,000+

BY' INGO ZATANGIYE
GUKOresha AMASHYIGA
ARONDEREZA INKWI.

10

IBYUMA BYA BIYOGAZI
BYASHYIZWEHO KU
RWEGO RW'INGO.

≈ 60%

BY'IKORESHWA RY'INKWI
BYAGABANYIJE KURI
BURI RUGO.

70

AMASHURI YASHYIZWEMO
AMASHYIGA MANINI
ARONDEREZA INKWI.





07.

ICYICIRO CYA GATATU


IMITURIRE YIHANGANIRA IMIHINDAGURIKIRE Y'IBIHE

Mu bice bimwe na bimwe bya Gicumbi, imiryango yabaga mu duce dufite ibyago byinshi byo guterwa n'inkangu, imyuzure n'isuri ikabije. Imvura nyinshi yangizaga inzu, igasenya imirima kandi igashyira ubuzima bw'abantu mu kaga, cyane cyane ku miryango yabaga ku misozi ihanamye cyangwa ahandi hantu hashobora guteza ibyago.

Binyuze muri iki cyiciro, umushinga wa Green Gicumbi wimuye imiryango yari ituye mu duce dufite ibyago byinshi, uyishyira mu midugudu itekanye kandi yateguwe mu buryo bwo guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe. Umushinga wubatse inzu 100 mu midugudu ya Kaniga na Kabeza, zifasha abantu barenga 500 bari basanzwe bafite ibyago byo kwibisirwa n'ibiza biterwa n'imihindagurikire y'ibihe.

Ibi bikorwa byo gutuza imiryango byagezwehobinyuze mu kubakabikorwaremezo no gushyiraho ingamba zo gucunga amazi, harimo ibigega byo gufata amazi y'imvura, ibidendezi by'amazi n'imiferege ifasha kwinjiza amazi mu butaka. Ibi bikorwa byafashije mu gufata no kubika amazi y'imvura, kugabanya isuri yangiza no gutanga amazi akoreshwa mu ngo no mu bikorwa rusange.

Umushinga kandi wafashije imiryango yatujwe mu midugudu mishya kongera kwiyubaka binyuze mu bworozi n'ibikorwa byinjiza amafaranga. Ibi byarimo gutanga inka, ihene n'inkoko, bifasha imiryango kongera umutungo, kunoza imirire no kubona inyungu. Binyuze muri gahunda ya Girinka, inka zatanze zanagerage uruhare mu nyungu rusange z'abaturage binyuze mu guhererekanya inyana ku yindi miryango. Ibi bikorwa byose byafashije imiryango kuva ahari ibyago by'imihindagurikire y'ibihe, binakomeza umutekano w'amazi n'imibereho myiza y'abaturage.



Iyo imvura yagwaga, abana banjye bazaga aho nararaga kubera ko batinyaga amazi yamanukaga ku musozi. Nyuma yaho, rumwe mu nkuta z'inzu rwaraguye, biba ngombwa ko nyivamo. N'aho nari nabonye icumbi na ho haje kwangirika, mbura byose. Ngeze muri uyu mudugudu mushya, sinashoboraga kubyiyumvisha.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa yarambwiye ati: 'Aha ni iwawe.' Nagize ibyishimo byinshi kubera uko nakiriwe neza.

ALPHONSE BAGARAGAZA

Umuturage, Umudugudu wa Kaniga



Twabaga mu gace kashoboraga kwibasirwa n’ibiza, mu nzu nto itari ikwiriye umuryango wanjye n’abana banjye bane. Iyo nzu ntiyari ihagije, ku buryo bamwe mu bana banjye baryamaga mu cyumba cy’uruganiriro. Ubuzima bwari bubi cyane kuri twe, nyuma yaho imvura nyinshi yaje gusenya inzu burundu. Nyuma, twashatse icumbi ry’igihe gito, tubaho mu bibazo bikomeye kurushaho.

Uyu muni, njye n’umuryango wanjye tuba muri aya mazu meza, kandi turabashimira cyane. Mu by’ukuri twishimiye ubuzima bushya dufite.

DROCELLE UMUTESI

Umuturage, Umudugudu wa Kaniga

IBYAGEZWEHO MU CYICIRO CYA GATATU



100

AMAZU AFITE UBUDAHANGARWA KU NGARUKA Z’IMIHINDAGURIKIRE Y’IBIHE YARUBATSWE, AFASHA ABATURAGE BARENGA 500.



3600+

BY’IBIGEGA BY’AMAZI BYASHYIZWEHO, BIFITE UBUSHOBOZI BWA METEROKIBE 4,772.



193

BY’IBIGEGA BY’AMAZI BYUBAKIYE MUNSI Y’UBUTAKA MU BIGO BYA LETA N’IBYIGENGA NO MU MIDUGUDU 2 Y’ICYITEGEREREZO, BIFITE UBUSHOBOZI BWA METERO KIBE 4,670.



35

IBIDENDEZI BYUBATSWE, BIFITE UBUSHOBOZI BWO GUFATA METEROKIBE 6,670.



16,900+

BY’IMIFEREGE YUBATSWE KU MISOZI.



25 - 40%

BY’UMUSARURO WA GREENHOUSES BYARIYONGEREYE.





ICYICIRO CYA KANE

GUSANGIZA UBUMENYI NO KWINJIZA UBURYO BWIZA MU MIGENZEREZE ISANZWE

Ubudahangarwa bw'igihe kirekire ntibushingira gusa ku bikorwa remezo, ahubwo bunashingira ku bumenyi, ubumenyi ngiro n'uburyo bw'imikorere bw'aho ibikorwa bikorerwa kugira ngo bikomeze kubungwabungwa. Ku mushinga wa Green Gicumbi, ibi byasabaga ko harebwa uburyo abahinzi, amakoperative, urubyiruko, abubatsi, abayobozi b'inzego z'ibanze n'abaturage muri rusange bashobora gukomeza ibikorwa bihangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe na nyuma y'uko umushinga urangiye.

Binyuze muri iki gice, umushinga wahuguye abagenerwabikorwa barenga 25,000 mu ngeri zitandukanye zirimo ubuhinzi bwihanganira ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe, amashyamba, amakuru y'ikirere, ubwubatsi, ubumenyi bw'imikoreshereze y'amafaranga no gucunga amakoperative. Harimo abahinzi 7,430 bahuguwe mu buhinzi bwihanganira ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe, abahinzi 6,630 bahuguwe ku makuru y'ikirere n'imihindagurikire y'ibihe, ndetse n'abantu 580 bahuguwe mu bwubatsi buhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe.

Uyu mushinga kandi wafashije amatsinda yo kubitsa no kugurizanya, amakoperative n'izindi nzego zishingiye ku baturage kugira ngo bongere ubudahangarwa no kurinda ibyagezweho nk'ibyabo. Izi nzego zafashije abaturage gucunga neza imari, kubona inguzanyo, gushora imari mu bikorwa bibyara inyungu no gukorera hamwe mu kubungabunga ibikorwaremezo bihuriweho n'abantu benshi, no guteza imbere imibereho yabo. Ku rwego rw'inzego z'ibanze, Green Gicumbi yafashije gushyira mu bukorwa uburyo bwo guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe mu nzego z'ibanze n'iz'igihugu, harimo gusazura amashyamba n'ubuhinzi bw'icyayi. Ibi byongereye isano iri hagati y'ibikorwa by'abaturage, igenamigambi ry'akarere n'intego z'u Rwanda mu kurwanya no guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe.

Muri rusange, iki gice cyafashije kugera ku ntego y'uko ibyo umushinga wagezeho bitagarukira ku bikorwaremezo gusa. Iki gice kandi cyubakiye ubushobozi, icyizere n'uburyo bw'ubufatanye kugira ngo abaturage n'inzego z'ibanze bakomeze kurinda ibidukikije no guteza imbere imibereho yabo mu gihe kirekire.





“

Umushinga wa Green Gicumbi wahinduye ubuzima bwacu mu buryo bwinshi. N’igihe twimuriwe ahandi, umushinga wakomeje kudufasha no kutuyobora binyuze mu ngendoshuri no guhugurwa ku bijyanye no gucunga neza amafaranga.

Ubu twize uko twashora imari neza, uko twabona inguzanyo mu bigo by’imari, ndetse n’uko dukorera hamwe binyuze mu makoperative.

Ibi byaduhaye ubumenyi n’ubushobozi tutari kubona bitanyuze muri Green Gicumbi.

JOSIANE MURAGIJIMANA

Uwarangije amahugurwa, Porogaramu y’Ubukungu n’Imari ya Green Gicumbi



IBYAGEZWEHO MU CYICIRO CYA KANE

25,000+

BY'ABAGENERWABIKORWA
BAHUGUWE MU BUHINZI,
GUFATA NEZA AMASHYAMBA,
UBWUBATSI, AMAKURU
Y'IKIRERE NO GUCUNGA
AMAFARANGA.

7,430

BY'ABAHINZI BAHUGUWE
MU BUHINZI BUHANGANA
N'INGARUKA
Z'IMIHINGAGURIKIRE Y'IBIHE.

275,000

TONI ZA CO₂ ZARAGABANYIJWE
CYANGWA ZAKUMIRIWE MU
KIRERE (KUVA UMUSHINGA
WATANGIRA KUGEZA MU 2026)

464,000+

BY'ABAGENERWABIKORWA
NYAMUKURU (HARIMO 52%
BY'ABAGORE)

99,000+

BY'IMIRIMO IRENGERA
IBIDUKIKIJE YARABONETSE
(52% NI ABAGORE)

158,000

BY'ABAGENERWABIKORWA
BAGEZWEHO N' INGARUKA
Z'AKO KANYA (52% NI ABAGORE)





INGAMBA Z'INGENZI, INAMA N'INZEGO ZISHINZWE GUKURIKIRANA IBIKORWA

Imbonerahamwe ikurikira igaragaza muri make ibikorwa by'ingenzi byakozwe mu mushinga wa Green Gicumbi, ingamba zikenewe kugira ngo ibyo wagezeho birambe, ndetse n'inzego zifite inshingano zo gukomeza kubishyigikira no kubikurikirana.

Yateguwe nk'igikoresho ngiro cyo guhererekanya inshingano no gukomeza ibikorwa hagati y'abayobozi b'inzego z'ibanze, amakoperative, abaturage n'ibigo by'abafatanyabikorwa. Ikubiyemo ingingo z'ingenzi zirimo gusana no kubungabunga ubutaka, ubuhinzi buhangana n'imihindagurikire y'ibihe, amashyamba, ingufu zirambye, imiturire itekanye, imibereho no kongera ubushobozi bw'abaturage n'inzego. Muri rusange, izi nama n'ingamba zitanga umurongo ngenderwaho uzafasha kubungabunga no gukomeza ibyagezweho n'umushinga, kugira ngo bikomeze kugirira akamaro abaturage n'urusobe rw'ibinyabuzima byo mu Karere ka Gicumbi, mu gihe kirekire.

1 Amaterasi yakozwe ku buso bwa hegitari 1,450

IBISOBANURO N'INKOMOKO Y'IGIKORWA

Umushinga wa Green Gicumbi wubatse amaterasi y'indinganire ku buso bwa hegitari 1,450, harimo hegitari 600 z'amaterasi y'indinganire akorwa ku misozi ihanamye cyane (radical terraces), mu mirenge icyenda yakorewemo ibikorwa by'umushinga. Ubutaka bwari bwarangiritse cyane kubera isuri n'imikoreshereze itarambye yabwo bwaravugururwe, buhindurwa amaterasi kandi atanga umusaruro.

Binyuze mu bukangurambaga buhoraho no kongerera ubushobozi abahinzi, abaturage bakiriye kandi bashyira mu bikorwa uburyo bw'ubuhinzi buhangana n'ingaruka z'ihindagurika ry'ibihe, harimo guhinga hakurikijwe imiterere y'umusozi (contour farming), gukoresha ifumbire mvaruganda n'ifumbire y'imborera ibungabunga ubutaka, ndetse n'ubuhinzi bw'ibiti bivangwa n'imyaka (agroforestry).

Ibi byagize uruhare mu kongera umusaruro w'ubuhinzi no gushimangira ubushobozi bw'abaturage n'urusobe rw'ibinyabuzima bwo guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe. Byongeye kandi, amashyamba umunani y'amaterasi y'indinganire yahujwe kandi ashirwa mu micungire yuzuye y'amakoperative y'abaturage, yatoranyijwe/yinjizwa muri gahunda y'Igihugu y'Amashyamba y'Ubuhanzi bw'Ubushobozi bwo Gutanga Ibikorwa (National Food Basket Sites – FOBAS). Izi zirimo:

KOPERATIVE JYAMBERE MUHINZI MWOROZI MUKARANGE

Ubutaka bwavugururwe ku buso bwa hegitari 100, buherereye mu Murenge wa Mukarange.

ABANYAMURYANGO:
119 (abagabo 68 n'abagore 51)

IBIHINGWA BYATEJWE IMBERE:
Ibigori, ibishyimbo bizamuka, ibirayi, n'ingano.

KOPERATIVE ABAHINZI KIBALI

Ubutaka bwavugururwe ku buso bwa hegitari 20, buherereye mu Murenge wa Byumba.

ABANYAMURYANGO:
184 (Abagabo 64 n'abagore 120)

IBIHINGWA BYATEJWE IMBERE:
ibigori, ibishyimbo bikizamuka, ibirayi n'ingano.

KOPERATIVE TWIGIRE MANYAGIRO

Ubutaka bwavuguruwe ku buso bwa hegitari 40, buherereye mu Murenge wa Manyagiro.

ABANYAMURYANGO:
111 (Abagabo 66 n’abagore 25)

IBIHINGWA BYATEJWE IMBERE:
Ibigori, ibishyimbo bikizamuka, ibirayi n’ingano. Banagira uruhare mu bikorwa byo gutubura imbuto z’ibihingwa.

KOOPERATIVE GOOD NEIGHBORS

Ubutaka bwavuguruwe ku buso bwa hegitari 50, buherereye mu Murenge wa Rubaya.

ABANYAMURYANGO:
220

IBIHINGWA BYATEJWE IMBERE: Ibigori, ibishyimbo bikizamuka, ibirayi n’ingano. Banagira uruhare mu bikorwa byo gutubura imbuto z’ibihingwa.

KOPERATIVE TERIMBERE MUHINZI KANIGA

Ubutaka bwavuguruwe ku buso bwa hegitari 16, buherereye mu Murenge wa Kaniga.

ABANYAMURYANGO:
43 (Abagabo 32 n’abagore 11)

IBIHINGWA BYATEJWE IMBERE:
Ibigori, ibishyimbo bikizamuka, ibirayi n’ingano. Banagira uruhare mu bikorwa byo gutubura imbuto z’ibihingwa.

KOPERATIVE ABATUBUZI B’IMBUTO BA MUYUMBU

Ubutaka bwavuguruwe ku buso bwa hegitari 50, buherereye mu Murenge wa Rushaki.

ABANYAMURYANGO:
98 (Abagabo 46 n’abagore 52)

IBIHINGWA BYATEJWE IMBERE:
Ibigori, ibishyimbo bikizamuka, ibirayi n’ingano. Banagira uruhare mu bikorwa byo gutubura imbuto z’ibihingwa.

KODERINYA IBAKWE

Ubutaka bwavuguruwe ku buso bwa hegitari 40 (Site ya Nyaruka), buherereye mu Murenge wa Cyumba.

ABANYAMURYANGO:
152

IBIHINGWA BYATEJWE IMBERE:
Ibigori, ibishyimbo bikizamuka, ibirayi n’ingano. Banagira uruhare mu bikorwa byo gutubura imbuto z’ibihingwa.

KOPERATIVE JYAMBERE NYABUBARE

Ubutaka bwavuguruwe ku buso bwa hegitari 84, buherereye mu Murenge wa Shangasha.

ABANYAMURYANGO:
415 (Abagabo 159 n’abagore 265)

IBIHINGWA BYATEJWE IMBERE:
Ibigori, ibishyimbo bikizamuka, ibirayi n’ingano. Banagira uruhare mu bikorwa byo gutubura imbuto z’ibihingwa.

UMUSANZU W’INGENZI W’AMATERASI Y’INDINGANIRE

- 📌 Kongera umusaruro w’ubuhinzi bw’ibihingwa byatejwe imbere.
- 📌 Gushimangira ubushobozi bw’abaturage mu kohereza ibihingwa ku isoko no mu micungire y’amakoperative, bituma inyungu z’umushinga ziramba.

- 📌 Kongera umutekano w’ibiribwa no kongerera abaturage uburyo bwo kubona inyungu z’imibereho.
- 📌 Kunoza imicungire y’ubutaka binyuze mu kugabanya isuri no kubungabunga ubutaka, bifasha mu kugarura urusobe rw’ibinyabuzima n’imiterere y’ahantu.

IBYIFUZO

- ✎ Kugira ngo habeho kuramba kw'inyungu n'ingaruka z'umushinga mu gihe kirekire, ni ngombwa gushyira mu nzego zisanzweho uburyo bufatika bwo gukurikirana ibikorwa no gukomeza kongerera ubushobozi amakoperative, hibandwa ku kunoza imiyoborere, kwita ku nshingano ndetse n'imicungire myiza y'imari.
- ✎ Gushimangira no gukomeza imikoranire n'amasoko bikwiye guhabwa agaciro binyuze mu buryo buhujwe kandi bworohereza ababyitabira, kugira ngo amakoperative abone amasoko ahamye, ateze imbere uruhererekane rw'ibikorwa byongerera agaciro ibicuruzwa bikomoka ku buhinzi, kandi biteze imbere uburyo bwo kongera inyungu z'igihe kirekire ndetse no kongera gushora imari mu rwego rw'ubuhinzi.

INZEGO N'ABAFATANYABIKORWA BASHINZWE ISHYIRWA MU BIKORWA

- ✎ Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi
- ✎ Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubuhinzi n'Ubworozi
- ✎ Akarere ka Gicumbi n'Imirenge yako

2 Hegitari 50 z'umurima w'icyayi cyo mu misozi uhangana n'ihindagurika ry'ibihe.

IBISOBANURO N'INKOMOKO Y'IGIKORWA

Umushinga washyizeho umurima w'icyayi cyo mu misozi ufite ubushobozi bwo guhangana n'ingaruka z'ihindagurika ry'ibihe ku buso bwa hegitari 50, nk'igikorwa cyihariye kigamije guhangana n'ihindagurika ry'ibihe, kugabanya isuri ku misozi ihanamye, kongera umusaruro w'ubuhinzi ndetse no gushimangira imibereho y'abaturage.

Uyu murima w'icyayi ushyirwa mu bikorwa mu Kagari ka Mulindi, Umurenge wa Kaniga, ugirira akamaro abahinzi bato bibumbiye muri koperative COTHEVM, imwe mu makoperative abiri afatanyije Uruganda rw'Icyayi rwa Mulindi. Binyuze muri iki gikorwa, abahinzi bahawe uburyo bugezweho bwo gukora ubuhinzi buhangana n'ingaruka z'ihindagurika ry'ibihe, bubafasha kongera umusaruro, gutuma babona inyungu zihamye, no kugabanya iyangirika ry'ubutaka.

Iyi gahunda igaragaza uburyo buhuriweho bwo guhangana n'ihindagurika ry'ibihe, buhuza imicungire irambye y'ubutaka n'iterambere ry'uruhererekane rw'ibikorwa byongerera agaciro ibicuruzwa, bityo bikagira uruhare mu gusubiza ubuzima ibidukikije no kongera ubushobozi bw'ubukungu bw'igihe kirekire.

Nanone, igira uruhare mu ntego rusange z'umushinga zo guteza imbere ubuhinzi buhangana n'ihindagurika ry'ibihe, gushimangira ituze ry'urusobe rw'ibinyabuzima no kongerera imbaraga ibikorwa by'abaturage bigamije iterambere rirambye.

INAMA

Nubwo abahinzi b'icyayi bagaragaza kunyurwa cyane n'inyungu bagezeho, ni ngombwa gukomeza gukurikirana no gushyiraho uburyo bufatika bwo kubakurikirana no kubaha ubufasha buhoraho, kugira ngo izo nyungu zabonetse zirindwe kandi habeho kuramba kw'ingaruka nziza z'umushinga mu gihe kirekire.

INZEGO N'ABAFATANYABIKORWA BASHINZWE ISHYIRWA MU BIKORWA

- ✎ NAEB
- ✎ MINAGRI
- ✎ Akarere ka Gicumbi
- ✎ COTHEVM
- ✎ Uruganda rw'Icyayi rwa Mulindi



3

Hegitari 40 z'umurima w'ikawa yo mu misozi uhangana n'ihindagurika ry'ibihe.

IBISOBANURO N'INKOMOKO Y'IGIKORWA

Umushinga washyizeho umurima w'ikawa yo mu misozi uhangana n'ihindagurika ry'ibihe ku buso bwa hegitari 40, nk'ingamba yihariye yo kugabanya isuri ku misozi ihanamye, kongera umusaruro w'ikawa no gushimangira ubushobozi bw'ubukungu bw'abaturage bwo guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe.

Hahoze harangiritse cyane kandi hakoreshwa nabi kubera kwibasirwa n'ihindagurika ry'ibihe, ariko ubu hahinduwe imirima itanga umusaruro, iherereye mu tugari twa Bwisige na Gihuke. Iyi gahunda igirira akamaro abahinzi bato 137 bibumbiye muri koperative Dutubure Kawa Gihuke.

Binyuze mu guteza imbere ubuhinzi buhangana n'ingaruka z'ihindagurika ry'ibihe no gushimangira imikorere ishingiyeye ku makoperative, uyu mushinga wateje imbere umusaruro, wongerera abaturage inyungu, uteza imbere imiryango, ndetse unashimangira ituze ry'urusobe rw'ibinyabuzima. Nanone, uyu mushinga wafashije mu kongera ubushobozi bwo kwihanganira ingaruka z'ihindagurika ry'ibihe binyuze mu guhindura ibice byari byangiritse mu imirima itanga umusaruro kandi urambye.

INAMA

Nubwo abahinzi b'ikawa bagaragaza kunyurwa cyane n'inyungu bagezeho, ni ngombwa gukomeza kubakurikirana no gushyiraho uburyo bufatika bwo kubafasha no kubagenzura buhoraho, kugira ngo izo nyungu zirindwe kandi habeho kuramba kw'ingaruka nziza z'umushinga mu gihe kirekire.

INZEGO N'ABAFATANYABIKORWA BASHINZWE ISHYIRWA MU BIKORWA

NAEB

MINAGRI

Akarere ka Gicumbi



IBISOBANURO N'INKOMOKO Y'IGIKORWA

Umushinga wasannye hegitari 2,261 z'amashyamba yari yarangiritse mu mirenge icyenda yose, aho igice kinini cyayo ari amashyamba y'abaturage aherereye ku butaka lherereye ku butaka bwahujwe bukavamo igice kimwe kinini.

Ibikorwa byo gusana amashyamba byibanze ku gusubiranya amashyamba ashaje hifashishijwe imbuto zinoze n'ibiti bihangana n'ihindagurika ry'ibihe, aho inturusu ari cyo giti cyiganjemo. Ibi byagize uruhare mu kongera ubuso butwikiriwe n'amashyamba, gushimangira ituze ry'urusobe rw'ibinyabuzima, no kongerera amahirwe uruhererekane rw'ibikorwa byongerera agaciro ibicuruzwa bishingiye ku bikomoka ku bitu.

Kugira ngo habeho kuramba kw'ibi bikorwa no kunoza imicungire yabyo, umushinga washyizeho imiryango ishinze imicungire y'amashyamba y'abikorera. Izi nzego zifasha mu micungire y'amashyamba ishingiyeye ku baturage kandi bita ku nshingano, bifasha mu gukoresha umutungo w'amashyamba mu buryo burambye, bityo bigateza imbere kurengera ibidukikije ndetse n'imibereho myiza y'abaturage.

Ikwirakwizwa ry'amashyamba yagaruwe mu mirenge:

Byumba (Hegitari 270)	Mukarange (Hegitari 173)
Cyumba (Hegitari 87)	Bwisige (Hegitari 360.2)
Manyagiro (Hegitari 277.2)	Shangasha (Hegitari 84)
Kaniga (Hegitari 127)	Rushaki (Hegitari 632.2)
Rubaya (Hegitari 151)	Rukomo (Hegitari 100)

Byongeye kandi, umushinga wagaragaje ubushobozi bukomeye bwo kwagurwa mu bice byawo bine. Urugero rugaragara ni mu gice cy'amashyamba, aho hakoreshejwe imbuto z'imitini y'ibiti by'inturusu binonosoye kuri site y'igerageza ya hegitari 10, byatoranyijwe kubera ubushobozi bwabyo bwo guhangana n'ihindagurika ry'ibihe no gukura vuba.

Ibi byatanze inyungu n'impamvu yo kubikoresha mu baturage ndetse no mu bafatanyabikorwa bo mu rwego rw'abikorera. By'umwihariko, Uruganda rw'Icyayi rwa Mulindi rwatangiye gukoresha izi mbuto mu gusazura amashyamba yarwo ashaje, aho rumaze gusazura hegitari 72 kugeza ubu.

INAMA

Nubwo ba nyir'amashyamba bagaragaza kunyurwa, gutunga no kwiyezwa mu micungire irambye y'amashyamba, hakenewe kongerwa imbaraga mu igenzura n'imiyoborere y'amategeko, cyane cyane binyuze mu guhuza no kunoza itangwa ry'impushya, kugira ngo haboneke uburyo bwiza bwo kugenzura igikorwa cyo gutema amashyamba no gukumira itemwa ritemewe cyangwa ritaragera igihe.

Inzego z'abafatanyabikorwa zifite aho zihurira n'iki gikorwa nazo zikwiye korohereza ba nyir'i amashyamba kugera ku masoko ahanye, kugira ngo babone agaciro gakwiye k'umusaruro wabo kandi bashobore kubona inyungu zirambye kandi z'igihe kirekire z'ibikomoka ku mashyamba.

INZEGO N'ABAFATANYABIKORWA BASHINZE ISHYIRWA MU BIKORWA

- Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Kurengera Amashyamba
- Akarere ka Gicumbi n' Imirenge ikagize



5 Ibikorwaremezo byo gufata no kubika amazi (ibigega by'amazi, ibidendezi by'amazi n'imikoki yasanwe)

IBISOBANURO N'INKOMOKO Y'IGIKORWA

Mu myaka itandatu ishize, imicungire myiza y'amazi yabaye imwe mu ntego z'ingenzi z'Umushinga wa Green Gicumbi, hagamijwe kurwanya isuri, inkangu n'imyuzure biterwa n'itembera ridacungwa ry'amazi ava ku bisenge by'inzu no mu bice bifata amazi (watershed catchment areas).

Mu gusubiza ibi bibazo, umushinga wubatse kandi utanga ibigega byo gufata amazi y'imvura mu bice byakorerwagamo ibikorwa byawo, hibandwa cyane ku miryango yugarijwe kurusha iyindi.

Iki gikorwa cyongereye ubushobozi bw'ingo bwo kubika amazi, kigabanya amazi atembera ku butaka mu buryo budacungwa, kandi kigira uruhare mu guteza imbere umutekano w'amazi, kurengera ibidukikije no kongera ubushobozi bw'abaturage bwo guhangana n'ihindagurika ry'ibihe.

Ibyiciro by'ibikorwa remezo byubatswe

193

Ibigega byo munsu y'ubutaka byubatswe mu nyubako za Leta n'iz'abaturage, harimo n'Imidugudu ibiri y'icyitegererezo ifite ubushobozi bwo guhangana n'imihindagurukire y'ibihe, bifata metero kube 4,670 z'amazi.

3,664

Ibigega by'amazi byo ku rwego rw'ingo byatanzwe/byubatswe ku rwego rw'ingo, bifata metero kube 4,772 z'amazi.

35

Ibidendezi by'amazi (harimo 15 muri Byumba, 2 muri Kaniga, 8 muri Manyagiro, 2 muri Cyumba, 3 muri Shangasha, 2 muri Rubaya, 2 muri Mukarange, na 1 mu Murenge wa Rushaki.)

INAMA

Kugira ngo imicungire y'igihe kirekire y'ibikorwa remezo byo gufata amazi irambe kandi igumane umumaro, hakenewe gukomeza gukurikirana no kugenzura uko bikora buri gihe, hagamijwe kwita ku bikorwa byo kubisana no kubibungabunga, bityo ibi bikorwaremezo bigakomeza kugera ku ntego zabyo uko biteganyijwe.

INZEGO N'ABAFATANYABIKORWA BASHINZWE ISHYIRWA MU BIKORWA

- ▣ Akarere ka Gicumbi n'imirengere ikagize
- ▣ Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Imicungire n'Imikoreshereze y'Amazi
- ▣ WASAC Gicumbi + Abatanga serivisi z'amazi



Imidugudu ibiri ihangana n'ingaruka z'ihindagurika ry'ibihe (Imidugudu y'Icyitegererezo ya Kaniga na Kabeza)

IBISOBANURO N'INKOMOKO Y'IGIKORWA

Umushinga wubatse imidugudu ibiri ihangana n'ingaruka z'ihindagurika ry'ibihe, itujwemo imiryango 100 yari ituye mu bice byashyira ubuzima mu kaga, harimo imiryango 60 yo mu Murenge wa Kaniga n'imiryango 40 yo mu Murenge wa Rubaya. Iyi midugudu yubatswe hifashishijwe ibikoresho by'ubwubatsi bihangana n'ihindagurika ry'ibihe, igamije kurengera ibidukikije no gushimangira ubushobozi bw'imiryango bwo kwirinda ingaruka mbi zaterwa n'ibyo ibibazo.

Izi nzu zifite ubwiherero butangaifumbire, sisitemu z'amatare akoresha imirasire y'izuba, ndetse n'ibikorwaremezo byo gufata amazi y'imvura neza. Amazi yose y'imvura ava ku bisenge (100%) afatwa kandi akabikwa mu bigega byo muni y'ubutaka, kugira ngo akoreshe mu buhinzi no mu buzima bwa buri muni. Ikindi kandi, iyi midugudu ifite ibikorwa remezo bikora neza byo gucunga imyanda, bigamije kurengera ibidukikije no kwimakaza uburyo burambye bwo gutunganya no kujugunya imyanda.

Buri nzu yubatswe hashingiwe ku bunini bw'umuryango uyituyemo kandi ihabwa ibikoresho by'ibanze byo mu rugo ndetse n'inkunga zunganira imibereho, hagamijwe kuzamura imibereho y'abaturage no kubafasha kongera kwiubaka no gukomera nyuma yo kwimurwa.

Nanone, imiryango yose yimuwe yateguriwe gahunda zinyuranye zo kongerera ubushobozi, zirimo amahugurwa ku buhinzi burambye, kubana neza no kubungabunga ubumwe bw'abaturage, gusobanukirwa imicungire y'imari, ndetse no guteza imbere ibikorwa bibafasha kwiteza imbere mu bukungu. Izi gahunda zashyizweho hagamijwe kongera ubushobozi bwo guhangana n'ibibazo, guteza imbere uburyo bwo kwigira, ndetse no gufasha abaturage kugera ku iterambere rirambye no mu bukungu by'igihe kirekire.

INAMA

Hashingiwe ku ntege nke z'imiryango ituye muri iyi midugudu yombi, hakenewe gushimangira ubufatanye hagati y'inzego zitandukanye no gushyiraho uburyo buhoraho bwo gukurikirana abaturage, kugira ngo hakomeze kubaho imibereho myiza ishingiyeye ku bumwe n'ubufatanye, ndetse hanashyigikiwe urugendo rwabo ruganisha ku kwigira no kwihaza mu bukungu.

Akarere gakwiye guteganya ingengo y'imari ya buri mwaka igamije gukemura ibibazo byihutirwa, birimo kubungabunga ibikorwa remezo no gukora amavugurura y'ingenzi, cyane cyane ku bikorwa birenze ubushobozi bw'imiryango y'abagenerwabikorwa

INZEGO N'ABAFATANYABIKORWA BASHINZWE ISHYIRWA MU BIKORWA

- 📌 Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Imiturire
- 📌 Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu
- 📌 Akarere ka Gicumbi
- 📌 Intara y'Amajyaruguru

Inkunga zatanze mu rwego rwo guteza imbere imibereho y'abaturage mu midugudu 2 yubatswe:

Amashyiga arengera ibidukikije
100

Inka zikamwa
47

Ibikoresho biyungurura amazi
100

Inkoko
500

Inzu z'ubuhinzi burengera ibidukikije (harimo 2 muri Kaniga na 1 muri Rubaya/Kabeza)

3



AMASOMO YIGIWE MU MUSHINGA

1 Uburyo bwo kurebera hamwe imiterere y'ahantu butanga umusaruro urambye kandi ufatika

Green Gicumbi yagaragaje ko ibibazo biterwa n'imihindagurikire y'ibihe bifitanye isano. Mu Karere ka Gicumbi, isuri, iyangirika ry'amashyamba, amazi amanuka ku misozi, umusaruro mucye w'ubuhinzi, imiturire ishyira ubuzima bw'abaturage mu kaga, ingufu zikenerwa mu ngo, ntibyari ibibazo bitandukanye, ahubwo byagiraga ingaruka muri ako gace kamwe zifite aho zihuriye.

Kubera umushinga wakorewe mu gace ka "Muvumba B Sub-Catchment" mu buryo bwuzuzanya, washoboye guhuza ibikorwa byo gusana ubutaka, guteza imbere ubuhinzi buhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe, gusubiranya amashyamba, gucunga amazi, guteza imbere imiturire itekanye, gukoresha ingufu zirambye kandi zitangiza ikirere no guteza imbere imibereho myiza y'abaturage. Ibi byatumye iterambere ryagezweho mu rwego rumwe rifasha mu kongera umusaruro no mu zindi nzego.

2 Uruhare rw'abaturage ni ingenzi mu kuramba kw'ibyagezweho

Umushinga wagaragaje ko ubushobozi bwo guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe burushaho kuramba igihe abaturage bagira uruhare rutaziguye mu ishyirwa mu bikorwa no mu kubungabunga ibikorwa. Abaturage ntibabaye abagenerwabikorwa gusa, ahubwo bakoze imirimo, binjira mu makoperative, bahabwa amahugurwa, bafata neza ibikorwa remezo kandi basangiza amasomo n'abandi.

Uru ruhare rwafashije abaturage kugira ibi bikorwa ibyabo bwite no kubungabunga amaterasi, amashyamba, ibikorwa byo gucunga amazi, amazu n'ibikorwa bibateza imbere. Rwafashije kandi kubaka ubushobozi bwabo bwo gukomeza gucunga ibi bikorwa na nyuma y'isozwa ry'umushinga, ariyo nkingi y'ibikorwa birambye.



Umushinga wasubiranyije urusobe rw'ibinyabuzima binyuze mu kubaka amaterasi, ubuhinzi bw'ibiti bivangwa n'imyaka, gukoresha ingufu zitangiza ikirere, no kubaka amazu afite ubushobozi bwo guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe.. Uyu mushinga kandi watumye hahangwa imirimo irenga 99,000 irengera ibidukikije, wongera kwihaza mu biribwa kandi uhindura imyumvire y'abaturage hagamijwe kubungabunga ibyagezweho n'umushinga.

JEAN MARIE VIANNEY KAGENZA

Umuyobozi w'Itsinda ryashyize mu bikorwa Umushinga wa Green Gicumbi

3 Guhangana n'imihindagurikire y'ibihe bigomba no kuzamura imibereho y'abaturage

Green Gicumbi yagaragaje ko ibikorwa byo guhangana n'imihindagurikire y'ibihe birushaho kugira akamaro iyo bizana inyungu zigaragara mu buzima bwa buri munsu bw'abaturage. Amaterasi, ubuhinzi bw'icyayi n'ikawa, ubworozi bw'amatungo maremare n'amagufi, ubworozi bw'inzuki, amatsinda yo kwizigama no kugurizanya ndetse n'amahugurwa ku micungire y'imari byafashije mu guhuza ibikorwa byo kubungabunga ibidukikije, inyungu z'amafaranga, kwihaza mu biribwa, umutungo w'ingo ndetse n'imibereho myiza.

Iri ni isomo rikomeye ku mishinga izaza. Amahirwe menshi y'uko abaturage babungabunga ibikorwa bibafasha guhangana n'imihindagurikire y'ibihe, ni igihe ibyo bikorwa bibafasha no kugera ku byo bakeneye nk'amafaranga y'ishuri, mituweli, imirire myiza, kongera amafaranga binjiza no kugira ubukungu buhamye.

4 Imiyoborere myiza n'ubufatanye binoza ibikorwa

Umushinga wagaragaje akamaro ko kugira imiyoborere myiza kandi isobanutse n'ubufatanye bukomeye hagati y'inzego zitandukanye. Green Gicumbi yahuje Minisitiri y'Ibidukikije, Ikigega cy'igihugu gishinzwe gutera inkunga imishinga irengera ikirere n'ibidukikije (Rwanda Green Fund), Akarere ka Gicumbi, abayobozi b'inzego z'ibanze, ibigo bya tekini, amakoperative, abaturage n'abafatanyabikorwa mu rwego rumwe rw'ishyirwa mu bikorwa.

Iri huriro ryafashije mu guhuza ibikorwa by'ubuhinzi, amashyamba, imiturire, ingufu, imicungire y'amazi n'iterambere ry'imibereho. Ryagaragaje kandi ubushobozi bw'u Rwanda bwo kubona no gucunga inkunga mpuzamahanga zagenewe ibikorwa by'ikirere no kuzihindura ibisubizo bifatika ku baturage.

5 Ibyemezo bikwiye gushingira ku makuru no ku igenzura rihoraho

Green Gicumbi yagaragaje ko gukurikirana ibikorwa bifite akamaro cyane kuko byifashishwa mu gufata ibyemezo mu gihe cy'ishyirwa mu bikorwa, aho kwifashishwa gusa mu gihe cyo gutanga raporo z'ibyagezweho. Gukurikirana ibikorwa by'umushinga byafashije mu kumenya imbogamizi, gukora amavugurura akenewe no gutanga ubufasha aho bwari bukenewe.

Urugero, gukurikirana uko ingemwe zakuraga byafashije mu kongera kuzitara aho byari ngombwa no kunoza ibikorwa byo kuzitaho. Ubu buryo bwo gufata ibyemezo bushingiye ku makuru ni ingenzi cyane mu duce twibasirwa n'imihindagurikire y'ibihe.

6 Ikoranabuhanga rigomba kujiyana n'impinduka mu myitwarire

Umushinga wazanye ibisubizo by'ikoranabuhanga birimo imbabura za kijyambere, biyogazi, uburyo bwo gufata amazi y'imvura ndetse n'ingamba z'imikoreshereze myiza y'ingufu. Ibi byafashije mu kugabanya ikoresha ry'inkwi, gucunga amazi y'imvura, kunoza uburyo bwo guteka no kongera umusaruro. Ariko kandi, umushinga wagaragaje ko ikoranabuhanga ryonyine ridahagije.

Gukomeza gukoresha ibyagezweho n'umushinga bizasaba ubukangurambaga, amahugurwa, kubungabunga ndetse no kubona inyungu zabyo mu buzima bwa buri munsu. Niyo mpamvu imishinga y'ahazaza igomba guhuza ikoranabuhanga n'ubukangurambaga, gukurikirana bihoraho n'ubufasha bukomeza gutangwa ku baturage.



7 Inzego z'ibanze ni inkingi yo gukomeza ibyagezweho

Kuramba kw'ibyagezweho na Green Gicumbi bizaterwa cyane n'inzego n'amatsinda bizakomeza gukora na nyuma y'isozwa ry'umushinga. Ubuyobozi bw'akarere, inzego z'ibanze, amakoperative, amatsinda yo kwizigama na komite z'abaturage bifite uruhare rukomeye mu kubungabunga ibikorwa remezo, guteza imbere imibereho no gukomeza gukurikirana ibyagezweho.

Iri somo ni ingenzi cyane mu gihe cyo guhererekanya inshingano. Kubungabunga ibikorwa by'umushinga bizasaba kugira inshingano zisobanutse, gukomeza guhabwa ubufasha bwa tekini ndetse n'ubugenzuzi buhoraho ku materasi, amashyamba, ibikorwa byo gucunga amazi, amazu, amakoperative n'ibindi bikorwa bitanga umusaruro.

8 Green Gicumbi ishobora kwagurirwa ahandi

Green Gicumbi yatanze icyitegererezo gifatika cyo kubaka ubushobozi bwo guhangana n'imihindagurikire y'ibihe mu bice by'icyaro byibasiywe cyane n'ingaruka zayo. Imbaraga zayo zishingiye ku guhuza ibikorwa byo kubungabunga ibidukikije, guteza imbere imibereho myiza y'abaturage, imiturire itekanye, ubufatanye bw'inzego zitandukanye n'uruhare rw'abaturage.

Mu gihe kizaza, gushyira ubu buryo mu tundi duce ntibizasaba gukurikiza akantu ku kandi na buri gikorwa uko cyakabaye. Ahubwo bisaba kubuhuza n'imiterere y'ahantu runaka ariko hagakomeza kubahirizwa amahame y'ingenzi arimo igenamigambi rihuriweho, uruhare rw'abaturage, inyungu ku mibereho yabo, ubufatanye bukomereye, gufata ibyemezo bishingiye ku makuru no kubungabunga ibikorwa mu gihe kirekire.



Green Gicumbi yatanze umusaruro kubera ubufatanye budasanzwe bw'abafatanyabikorwa. Ikigega Mpuzamahanga cy'Ibidukikije (Green Climate Fund) cyatanze inkunga ya miliyoni 32 z'Amadolari y'Amerika, FONERWA iyishyira mu bikorwa ikorana bya hafi na Minisiteri y'Ibidukikije, Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi, Minisiteri y'Ibikorwaremezo, Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, Akarere ka Gicumbi ndetse n'abaturage ubwabo. Kuko, ibi byose tubikora tugamije guteza imbere imibereho myiza y'abaturage.

TEDDY MUGABO

Umuyobozi Mukuru,
Rwanda Green Fund





UMUSOZO

Umushinga wa Green Gicumbi wagaragaje ko guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe bishobora gutanga ibisubizo bifatika kandi birambye iyo bishingiye ku byo abaturage bakeneye, bigashyigikirwa n'ubufatanye kandi bigashyirwa mu bikorwa ku bufatanye.

Mu gace ka “Muvumba B (sub-catchment)”, umushinga wakemuye bimwe mu bibazo bikomeye by'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe byugarije abaturage bo mu Karere ka Gicumbi. Wasannye ubutaka bwashyutse, ushimangira ubuhinzi buhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe, ugarura amashyamba, ugabanya igitutu ku mutungo kamere, utuza imiryango yari ituye ahashyira ubuzima mu kaga, uteza imbere imicungire y'amazi kandi uha abaturage ubumenyi n'ubushobozi. Ibi bikorwa byose byafashije kugabanya ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe, binatanga imbere umutekano n'imibereho myiza y'abaturage.

Ibisubizo bigaragarira hose. Imisozi yari yarangiritse cyane kubera isuri ubu itanga umusaruro. Amaterasi, ubuhinzi bw'ibiti bivangwa n'imyaka, n'amashyamba arinda ubutaka, bifasha abaturage gucunga neza ubutaka n'amazi. Ubuhanzi bw'icyayi, ikawa, ubworozi, ubuvumu n'amatsinda yo kuzigama byatanze amahirwe yo kwinjiza amafaranga no kongera ubudahangarwa bw'imiryango. Imiryango yahoze ituye ahashyira ubuzima mu kaga ubu ituye mu nzu zitekanye, kandi zifite uburyo bwo kubika amazi y'imvura hamwe n'ibikoresho by'ibanze.



Ntewe ishema kandi nishimiye kuvuga ko uyu ari wo mushinga w'icyitegererezo wageze ku musaruro ukomeye kurusha indi. Mu gihe cya vuba, nzishimira kubona Green Nyarugenge, Green Nyamasheke, Green Karongi ndetse tukagira na Green Rwanda.

JEAN MARIE VIANNEY KAGENZA

Umuyobozi w'itsinda ryashyize mu bikorwa Umushinga wa Green Gicumbi

Umushinga kandi washyize imbaraga mu kongerera ubushobozi abaturage. Abahinzi, amakoperative, urubyiruko, abakora imirimo y'ubwubatsi, abayobozi b'inzego z'ibanze n'abaturage muri rusange bungutse ubumenyi n'uburambe bibafasha gukomeza ibikorwa byo guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe. Ubu bumenyi n'inzego zashyizweho ni umurage w'umushinga, kuko ari byo bizafasha gukomeza kurinda no gusigasira ibyagezweho n'uyu mushinga.

Mu gihe umushinga urangiye, icyiciro gikurikira ni uguhindura intego, ikava ku ishyirwa mu bikorwa ikajya ku gusigasira ibyagezweho. Amaterasi, amashyamba, imiyoboro y'amazi, imiturire, amakoperative n'ibikorwa by'ubukungu bizakenera kubungabungwa mu buryo buhoraho no gukurikiranwa. Ubuyobozi bw'inzego z'ibanze, inzego z'igihugu n'abafatanyabikorwa bazagira uruhare rukomeye, ariko uruhare rw'abaturage ruzaba ari ingenzi cyane. Ibyagezweho na Green Gicumbi bizakomeza ariko mu gihe birinzwe, bicunzwe kandi byubakirwaho.

Green Gicumbi inatanga urugero rufatika rushobora gukoreshwa no mu tundi duce two mu Rwanda no hanze yarwo twugarijwe n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe. Uyu mushinga kandi ugaragaza akamaro ko guhuza mu buryo bwose kubungabunga ibidukikije, gutuza abaturage mu buryo butekanye, guteza imbere imibereho myiza y'abaturage, guhuza ibikorwa by'inzego, gutera inkunga ibikorwa bijyanye n'ikirere no gutuma abaturage bagira uruhare rufatika mu bikorwa byose.

Uyu mushinga usize ibirenze ibikorwa gusa. Usize ibidukikije byarasanwe, imiryango itekanye, imibereho y'abaturage yarushijeho kuba myiza n'amasomo azafasha mu ishoramari mu gihe kizaza mu guhangana n'imihindagurikire y'ibihe.

Igikurikiyeho ni ugusigasira ibyagezweho, gukomeza kwigira ku byabaye, kubungabunga inyungu za Green Gicumbi zikazakomeza kwaguka ku baturage ba Gicumbi no ku bazabakomokaho.





“

Green Gicumbi yagaragaje uko politiki z’u Rwanda zijyanye no kurengera ikirere zishobora gusubiza ibibazo bikenewe. Mu gace nka Gicumbi karangwa n’imisozi ihanamye, isuri, inkangu, imyuzure n’imiturire mibi y’abaturage, umushinga wagaragaje ko ibikorwa byo guhangana n’imihindagurikire y’ibihe atari ibintu byiyongera ku bindi, ahubwo ari igice cy’ingenzi cy’iterambere rirambye.

DR BERNADETTE ARAKWIYE

Minisitiri w’Ibidukikije, Guverinoma y’u Rwanda



12.

UMUGEREKA

Urutonde rw'ibikorwa by'umushinga wa green gicumbi hakurikijwe ibice ku rwego rw'imirenge

No	Umurenge	IGICE CYA MBERE	IGICE CYA KABIRI	IGICE CYA GATATU
1	Kaniga	☐ Hegitari 97 z'amaterasi y' indinganire ☐ Hegitari 58 zateweho ibiti birinda isuri byatowe ku nkengero z'imihanda. ☐ Hegitari 134 zateweho ibiti bivangwa n'imyaka n'ibiti by'imbuto. ☐ Hubatswe ubwanikiro n'ububiko bw'umusaruro nyuma y'isarura, buchungwa na Koperative KOTEMIKA.	☐ Ingo 2,100 zagejejweho amashyiga arondereza inkwi. ☐ Amashyiga manini yashyizwe mu mashuri akurikira: ☐ GS Mulindi 3 ☐ GS Bugomba 1 ☐ GS Kizinga 1 ☐ EP Muyange 1 ☐ Mulindi TSS 2 ☐ GS Kaniga 2	☐ Ibigega bifite ubushobozi bwo kubika m³ 245 z'amazi y'imvura byubatswe muri GS Bugomba. ☐ Ibigega bifite ubushobozi bwo kubika 5 m³ z'amazi y'imvura byubatswe ku biro by' utugari 5 no ku mashuri. ☐ Ibigega 28 bya "Ferrocement" bifite ubushobozi bwo ku bika m³ 3 z'amazi byahawe ingo, ndetse n'ibigega 15 bya "Fiberglass" bifite ubushobozi bwo kubika m³ 3 z'amazi y'imvura. ☐ Hubatswe imiferege iyobora amazi muri TSS Mulindi na GS Mulindi. ☐ Hatanzwe ibigega 280 bifite ubushobozi bwo kubika m³ 1 y'amazi. ☐ Hatanzwe ibigega 8 bifite ubushobozi bwo kubika m³ 10 z'amazi.
		☐ Hegitari 60 z'amaterasi y'indinganire yatunganyijwe mu tugari twa Nyarwambu na Rukurura. ☐ Ibyatsi bya Napiyeri (Napier) byahawe abaturatione.		



		IGICE CYA MBERE	IGICE CYA KABIRI	IGICE CYA GATATU
No	Umurenge	Ibikorwa	Ibikorwa	Ibikorwa
		☞ Hegitari 50 zateweho icyayi mu Kagari ka Mulindi.	☞ Hubatswe ubwanikiro bw'inkwi ku Ruganda rw'Icyayi rwa Mulindi. ☞ Ibigega bya biyogazi 2 byatanzwe mu ngo.	☞ Hubatswe inzu 60 zifite ubushobozi bwo guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe mu Mudugudu wa Kaniga. ☞ Abagenerwa bikorwa 25 bahawe inka mu murenge wa Kaniga ☞ Hubatswe inzu 2 zihingirwamo imyaka (Greenhouses) mu Mudugudu wa Kaniga.
		☞ Hashyizweho uburyo bwo kuhira bukoresha ingufu z'imirasire y'izuba. ☞ Hubatswe inzu 3 zo gukusanyirizamo icyayi. ☞ Hubatswe ikigega 1 cyo kubikamo amazi. ☞ Hashyizweho ahakorerwa ituburwa ry'imbuta.	☞ Hatanze kandi amashyiga manini mu kigo cya GS Kaniga. ☞ Hegitari 11.71 zateweho ingemwe z'ibiti (Seed Stand).	☞ Utuyunguruzo tw'amazi 103 twahawe ingo. ☞ Utuyunguruzo tw'amazi 27 twahawe ikigo cya GS Kizinga.
4	Rubaya	☞ Hegitari 327 z'imisozi ihanamye zashyizwemo imiferege yo kurwanya isuri, haterwamo ibiti bivangwa n'imyaka ndetse n'ibihuru bifasha kurinda ubutaka.	☞ Amashyiga arondereza inkwi 1,900 yagejejwe ku ngo.	☞ Hubatswe amazu 40 mu Mudugudu wa Kabeza afite ubudahangarwa ku ngaruka z'imihindagurikire y'ibihe. ☞ Ingo 40 zimuwe mu manegeka zituzwa mu Mudugudu wa Kabeza. ☞ Habitswe m³ 600 z' amazi y'imvura mu mudugudu wa Kabeza. ☞ Imikoki 3 yaravuguruwe mu cyiciro cya kabiri cy'umushinga. ☞ Ingo 108 zahawe utuyunguruzo two gusukura amazi.

		IGICE CYA MBERE	IGICE CYA KABIRI	IGICE CYA GATATU
No	Umurenge	Ibikorwa	Ibikorwa	Ibikorwa
		Hatewe ibyatsi bya Napiyeri (Napier).	- Amashyiga manini yashyizwe mu mashuri akurikira: - GS Gishambashayo – 2 - GS Rubaya – 1 - GS Rubaya TSS – 1 - EP Kabeza – 1 - EP Kagogo – 1	
		Hegitari 50 z’amaterasi yubatswe ku misozi ihanamyeye.	Hegitari 125 z’amashyamba zari zarangiritse zaravuguruwe.	- Hatanzwe ibigega byo gufata amazi y’imvura bifite ubushobozi bwa metero kibe 5 ku biro by’utugari 2 twa Gishari na Muguramo. - Imikoki 3 yaravuguruwe mu cyiciro cya kabiri cy’umushinga.
		- Hatewe ibiti by’amoko atandukanye harimo 4,200 bivangwa n’imyaka, n’ibiti by’imbuto. - Hatewe ibiti birinda isuri mu midugudu no ku nkengero z’imihanda.	Hubatswe imizinga y’inzuki ndetse hanatangwa ibikoresho by’ ubworozi bw’inzuki kuri Koperative KOTWIRU	- Imikoki 4 yaravuguruwe mu cyiciro cya kabiri cy’umushinga. - Hubatswe ibigega 271 bifite ubushobozi bwo gufata metero kibe imwe. - Hubatswe ibigega 20 bya “Fiberglass” bifite ubushobozi bwo gufata metero kibe 3 z’amazi n’ibigega 37 bya “ferrocement” bifite ubushobozi bwo gufata metero kibe 3 z’amazi.
3	Cyumba	Hatewe ibiti 1,000 bivangwa n’imyaka, harimo n’ibiti by’imbuto.	Amashyiga arenga 2,500 arondereza yagejejwe ku ngo zo mu tugari twose.	Hubatswe ibigega byo kubika amazi y’imvura bifite ubushobozi bwa metero kibe 5, byashyizwe ku biro by’ utugari 5.



		IGICE CYA MBERE	IGICE CYA KABIRI	IGICE CYA GATATU
No	Umurenge	Ibikorwa	Ibikorwa	Ibikorwa
		Hatewe amaterasi y'indinganire kuri hegitari 90.	- Amashyiga manini yashyizwe mu bigo bikurikira: - GS Cyumba: 1 - GS RUKIZI EAR: 2 - EP Mukono EAR: 2 - ES Mukono EAR: 2 - ES Murore: 1 - EP Mukono Catholique: 1	- Hubatswe ibigega 321 bifite ubushobozi bwo gufata metero kube 1 kuri buri kimwe byashyizwe ahantu hatandukanye. - Hubatswe ibigega 22 bya "Fiberglass" bifite ubushobozi bwa metero kube 3 n'ibigega 75 bya "Ferrocement" bifite ubushobozi bwa metero kube 3. - Ingo 95 zahawe utuyunguruzo dusukura amazi.
		Hegitari 354 zateweho ibiti bivangwa n'imyaka ndetse n'ibihuru bifasha kurinda ubutaka.	Ishyiga rinini ryashyizwe muri EP Mukono EAR.	
		- Hatanzwe ibikoresho byo kuhira imyaka ku rwego ruto. - Hegitari 445 z'ibishanga zaravuguruwe. - Hegitari 21 z'amashyamba arinda ibidukikije	- Hegitari 44.53 z' amashyamba yari yarangiritse yaravuguruwe. - Hubatswe imizinga yo kororeramo inzuki ndetse hanatangwa ibikoresho by' ubworozi bw'inzuki kuri Koperative KODUNYA. - Hatanzwe ubuhunikiro 1 buhoraho bw'ingemwe.	Umukoki wo mu Mudugudu wa Rwiri waravuguruwe.
4	Rushaki	- Hegitari 109 zubatsweho amaterasi y'indinganire - Hegitari 123 zateweho ibiti bivangwa n'imyaka	- Hegitari 436 z'amashyamba yari yarangiritse yarasazuwe. - Ingo zirenga 2,000 zahawe amashyiga arondereza inkwi mu tugari twose. - Hubatswe imizinga 2 zo kororeramo inzuki ndetse hatangwa ibikoresho by'ubworozi bw'inzuki ku makoperative 2 ari yo: ABAKUNDAGUHINGA na CAR.	- Hubatswe ibigega byo gufata no kubika amazi y'imvura ku ishuri rya GS Gitega bifite ubushobozi bwa metero kube 245. - Hubatswe ibigega byo gufata no kubika amazi y'imvura ku ishuri rya EP Gatonde bifite ubushobozi bwa metero kube 20.

		IGICE CYA MBERE	IGICE CYA KABIRI	IGICE CYA GATATU
No	Umurenge	Ibikorwa	Ibikorwa	Ibikorwa
		☐ Hegitari 8 z'imisozi ihanamye zashyizweho imiyoboro y'amazi. ☐ Hatewe ibiti bivangwa n' imyaka, ibiti bya makadamiya ndetse n'ibiti by'imbutu.	☐ Hatanzwe amashyiga manini ku mashuri akurikira:: ☐ GS Kamutara: 2 ☐ GS Muyumbu: 2 ☐ GS Gitega: 2 ☐ GS Karambi: 1 ☐ EP Karambo: 1 ☐ GS Rushaki: 1	☐ Hubatswe ibigega 175 bifite ubushobozi bwa metero kube 1 buri kimwe. ☐ Hubatswe ibigega 15 bya "Fiberglass" bifite ubushobozi bwa metero kube 3 buri kimwe, ndetse n'ibigega 33 bya "Ferrocement" bifite ubushobozi bwa metero kube 3 buri kimwe
		☐ Hegitari 70 z'amaterasi y' indinganire na hegitari 50 z'amaterasi yubatswe ku misozi ihanamye	☐ Hegitari 162 z'amashyamba yari yarangiritse yarasanywe. ☐ Ishyiga rinini ryashyizwe ku ishuri rya Muyumbu.	☐ Ingo 46 zahawe utuyunguruzo tw' amazi. ☐ Utuyunguruzo tw' amazi 21 twatanzwe ku ishuri rya GS Gitega. ☐ Tuyunguruzo tw' amazi 5 twatanzwe ku mashuri ya EP Ngabira na EP Gatonde.
5	Shangasha	☐ Hegitari 237 zateweho ibiti bivangwa n' imyaka	☐ Ingo zirenga 1,700 zahawe amashyiga arondereza inkwi mu tugari twose. ☐ Hatanzwe amashyiga manini ku mashuri akurikira: ☐ GS Bushara: ☐ EP Jeunesse: 1 ☐ GS Nyabishambi: 4 ☐ GS Shangasha: 3 ☐ GS Bushara: 2 ☐ GS Kitazigurwa: 1	☐ Hubatswe ibigega 243 bifite ubushobozi bwa metero kube 1 buri kimwe. ☐ Hubatswe ibigega 33 bya "Fiberglass" bifite ubushobozi bwa metero kube 3 buri kimwe, ndetse n'ibigega 37 bya "Ferrocement" bifite ubushobozi bwa metero kube 3 buri kimwe. ☐ Ingo 79 zahawe utuyunguruzo dusukura amazi
		☐ Hegitari 250 z'amaterasi y' indinganire.		
			☐ Ishyiga rinini ryatanzwe ku ishuri rya GS Nyabishambi.	
		☐ Hegitari 84 z' amaterasi y' indinganire ku misozi ihanamye	☐ Hatanzwe ibigega 2 bya biyogazi ku ngo.	



		IGICE CYA MBERE	IGICE CYA KABIRI	IGICE CYA GATATU
No	Umurenge	Ibikorwa	Ibikorwa	Ibikorwa
		☐ Hegitari 14 zateweho ibiti bifata ubutaka ku nkengero z'imihanda.	☐ Ishyiga rinini ryatanze ku ishuri rya GS Shangasha. ☐ Hubatswe inzu yo kororamo inzuki ndetse hanatangwa ibikoresho by'ubworozi bw'inzuki ku koperative imwe.	☐ Hubatswe uburyo bwo kubika amazi y'imvura ku kigo cya IDP Shangasha bufite ubushobozi bwa metero kube 90. ☐ Hubatswe ibidendezi 2 byo kubika amazi bifite ubushobozi bwa metero kube 100 buri kimwe.
6	Mukarange	☐ Hatewe ibiti bivanze n'imyaka kuri hegitari 1,021 (Agroforestry). ☐ Koperative KOIAG yubakiwe inzu ihingirwamo imyaka. ☐ Hatewe amoko y'ibiti 6000 bivangwa n'imyaka (Agroforestry). ☐ Hubatswe hegitari 222 z'amaterasi y'indinganire akorwa ku misozi ihanamye cyane (Radical Terraces). ☐ Hatewe amoko 7 y'ibiti by'ubwirinzi ku nkengero z'imihanda .	☐ Amashyiga arenga 3,500 ya rondereza arengera ibidukikije yatanze mu ngo mu tugari twose. ☐ Amashyiga manini yashyizwe mu bigo bikurikira: ☐ GS Mugina: 1 ☐ GS Nyagakizi: 1 ☐ GS Mukarange: 1 ☐ GS Kiruhura 1 ☐ EP Cyamuganga 1 ☐ EP Mutarama 1 ☐ Hasazuwe hegitari 139.5 z'amashyamba yari yarangiritse.	☐ Hatanze ibigega by'amazi 321 bifite ubushobozi bwo kubika meterokibe imwe kuri buri kimwe. ☐ Hubatswe ibigega 23 bya "fiberglass" bifite ubushobozi bwo gufata meterokibe eshatu kuri buri kimwe ndetse n'ibigega 70 bya "ferrocement" bifata meterokibe eshatu kuri buri kimwe. ☐ Hatanze utuyunguruzo tw'amazi 90 mu ngo. ☐ Utuyunguruzo tw'amazi 15 twatanze mu kigo cya EP Mutarama.
7	Manyagiro	☐ Hubatswe hegitari 41 z' amaterasi akorwa ku misozi ihanamye. ☐ Hatewe ibiti 7780 bivangwa n'imyaka harimo n'ibiti by'imbuta ☐ Hatewe ibiti bivangwa n'imyaka harimo n'iby'imbuta kuri hegitari 364 ☐ Mu rwego rwo guhangana n'isuri, hacukwe imiferege y'amazi ku misozi ihanamye kuri hegitari 250.	☐ Hatanze amashyiga 1000 ya rondereza arengera ibidukikije mu ngo mu tugari twose ☐ Hegerari 227.2 z' amashyamba yariyarangiritse yarasazuwe	☐ Hatanze ibigega 322 bifite ubushobozi bwo gufata meterokibe imwe y'amazi ☐ Hatanze ibigega 14 bya "fiberglass" bifite ubushobozi bwo gufata meterokibe 3 z'amazi ndetse n'ibigega 78 bya "ferrocement" bifite ubushobozi bwo gufata meterokibe eshatu z'amazi ☐ Utuyunguruzo tw'amazi 91 twatanze mu ngo

		IGICE CYA MBERE	IGICE CYA KABIRI	IGICE CYA GATATU
No	Umurenge	Ibikorwa	Ibikorwa	Ibikorwa
			- Amashyiga manini yatanzwe kuri : - GS Mugeru: 2 - GS Kagorogoro: 4 - GS Manyagiro: 2 - GS Nyiravugiza: 2 - GS Mugeru : 2 - GS Mafurebo 2 - EP Bushingamiheto 2 - Hatanzwe ubuhunikiro 1 buhoraho bw'ingemwe.	Utuyunguruzo 32 twatanzwe ku ishuri rya GS Kagorogoro, 17 twatanzwe ku ishuri rya GS Mugeru ndetse na 17 dutangwa ku ishuri rya GS Nyiravugiza
8	Byumba	- Inzu zikorwamo ubuhinzi bw'imyaka (UTAB, TTC De La Salle) - Hubatswe imiferege yo kurwanya isuri ku misozi ihanamye kuri hegitari 10. - Hatewe hegitari 171 z'ibiti bivangwa n'imyaka, harimo n'ibiti by'imbutu. - Hegitari 17 z'amaterasi yindinganire zatewe ku misozi ihanamye. - Hubatswe ibidendezi by'amazi, hagamijwe gufata no kubika amazi no kugabanya isuri.	- Hasazuwe hegitari 205.35 z'amashyamba yari yarangiritse - Amashyiga yarondereza arengera ibidukikije 4,300 yatanzwe mu ngo zo mu tugari twose - Amashyiga manini yatanzwe kuri: - GS Byumba Inyange: 2 - GS Byumba EAR : 2 - GS Byumba Catholique 2 - GS Gacurabwenge 2 - EP Rugandu 1 - EP Rugandu EAR 1 - TVT Byumba 1 - GS de la Salle Byumba 4 - Kibali 2 - GS NDBC Byumba 2 - Imizinga 3 y'inzuki ndetse n'ibikoresho by'ubworozi bw'inzuki byahawe amakoperative 3: KUNDIGITI RWIRI, DUKOMEZUMUGAMBI na ABAGWIZAMIZINGA.	10m3 - GACURABWENGE Cell office 1 5 - GS BYUMBA EAR 3 15 - GS BYUMBA Inyange 2 10 - GISUNA Cell Office 1 5 - GS KIBALI 4 20 - KIVUGIZA Cell Office 1 5 - MURAMA Cell Office 1 5 - NYAKABUNGO Cell Office 1 5 - BYUMBA Sector Office 3 15 - NYAMABUYE Cell Office 1 5 - EP NYANDE 2 10 - NYARUTARAMA Cell Office 1 5
			Imizinga 3 y'inzuki ndetse n'ibikoresho by'ubworozi bw'inzuki byahawe amakoperative 3: KUNDIGITI RWIRI, DUKOMEZUMUGAMBI na ABAGWIZAMIZINGA.	- Ibigega by'amazi 496 bifite ubushobozi bwo kubika metero kube 1 y'amazi kuri buri kimwe. - Ibigega by'amazi 96 bya "fiberglass" bifite ubushobozi bwo kubika metero kube 3 ndetse n'ibigega by'amazi 45 bya "ferrocement" bifite ubushobozi bwo kubika metero kube 3.



		IGICE CYA MBERE	IGICE CYA KABIRI	IGICE CYA GATATU
No	Umurenge	Ibikorwa	Ibikorwa	Ibikorwa
				❑ icyiciro cya mbere cyo gusana no kugarura imikoki. ❑ Utuyunguruzo tw'amazi 136 twatanze mu ngo. ❑ Hatanze utuyunguruzo 6 tw'amazi ku ishuri rya Gicumbi TSS. ❑ Hatanze utuyunguruzo 34 tw'amazi ku ishuri rya GS Notre Dame du Bon Conseil Byumba. ❑ Ibigaga by'amazi bya pulasitiki bifite ubushobozi bwo kubika meterokibe 20 byashyizwe ku biro by'Akagari n'Umurenge. ❑ Ikigaga cy'amazi cya pulasitiki gifite ubushobozi bwo kubika meterokibe 20, cyashyizwe ku kigo cya GS Kibali.
9	Bwisige	❑ Hatewe ibiti bivanze n'imyaka harimo n'iby'imbuta kuri hegitari 626. ❑ Inzu ihingwamo imyaka yubatswe muri TUZA Bwisige. ❑ Hahinzwe ikawa kuri hegitari 40. ❑ Hashyizweho ubuhunikiro bw'ibiti ❑ Amaterasi y'indinganire yatewe kuri hegitari 159. ❑ Ubuhunikiro bw'ibiti bwashyizweho mu baturage. ❑ Hatanze ifumbire ya "Vermicompost"	❑ Amashyiga manini yatanze ku bigo by'amashuri bikurikira: ❑ GS Bwisige: 2 ❑ ES Bwisige: 2 ❑ GS Mukono: 2 ❑ GS Ndayabana: 1 ❑ GS Gihuke: 1 ❑ Amashyiga ya rondereza arengera ibidukikije arenga 2,200 yatanze mu tugari twose. ❑ Higitari 329.8 z'amashyamba yari yarangiritse zarasazwe ❑ Koperative KOABWI yahawe Umuzinga w'inzuri ndetse n'ibikoresho by'ubworozi	❑ Hatanze utuyunguruzo tw'amazi 53 mu ngo. ❑ Hatanze utuyunguruzo tw'amazi 34 ku Ishuri rya GS Mukono.

